





10

**EWI RIGAMBE GUKANGURA NO
KURE REIRETANIBA**

JUIN -1993

- Ni nde uzaba Perezida wa Repubulika y'u RWANDA nyuma y'amatora ?
 - BURUNDI: NDADAYE atitonze yagwa muri système UPRONA, bigatuma PALIPEHUTU ikemura ibi-bazo ikoreshheje intambara.
 - URUSESIA IMANZA: Nyuma y'iycwa ry'abanyagitarama, KA-VARUGANDA yatahuweho n'ubusambo: Byombi azabikira ate ?
 - BURUNDI: UPRONA izasenyuka nyuma y'amatora y'abadepite.

- GISENYI: Abagore bakoze imyigragambyo bavuma Commandant BIZIMANA.**



**NGO KOMANDA BIZIMANA YASHYIZEHO
UMUTWE WOKURASA NGEZE !**

EDITORIAL

Ni nde uzaba Perezida wa Repubulika nyuma y'amatora azaba mu Rwanda ?



Igihe kirageze ngo KANGURA itangire gushakisha uzaba Perezida wa Repubulika nyuma y'amatora y'ubutaha. Ibyo tubitangiye kubera ko amatora y'i Burundi twarangije kuyakoraho ibya ngombwa byose. Ibyo twabonaga niko byagenze ndetse twaranabishimiwe. Ubu Kangura itangire akazi katoroshye ko gushakisha uzaba Perezida wa Repubulika mu Rwanda. Bizatugora kuko bizasaba ko tubonana n'abanya politiki banyuranye, tubonane n'abasa b'inaribonye. Tubonane na rubanda rugufi bwo runatezweho amajwi azimika uwo dutezeho kuba Perezida.

AMASOMO TWAHFRAHO YABA AYAHE ?

Mu Rwanda nta mututsi uza habu Perezida wa Repubulika uko byaqenda kose. Keretse bibaye ku ngufu zimbunda. Impamvu tuvuze ibyo ni uko abahutu bose nyuma y'iyi ntambara, nibabona umututsi bazamubonamo ubwami. Bimwibutse uburetwa byakubitiraho n'ibyo inkotanyi zakoze mu bitero byazo byamaze hafi imyaka itatu akarushaho kuzinukwa. Bigakubitiraho n'uko amaqambo y'abayobozi b'invenzi nayo ateye kwibaza bo bemeza ko inyenzi zateye zije kurengera inyungu z'abututsi barenganaga. Biragaragara ko nta mututsi watorerwa kuba Perezida wa Repubulika, usibye ko nabo batinyuka kwiyamamaza uwo mwanya. Icyo tudahakana ni uko abatutsi bashobora kwiyoberanya bagashyira umuhutu w'igikoresho imbere. Nk'uko bimeze ubu kuri Kanyarengwe na Lizinde, Biseruka n'abandi....

UZATORWA NI UMUHUTU, AHUBWO TUREBE ABAZAMUSHYIGIKIRA

Mu Rwanda hari amashyaka asaqa 16. Ayo mashyaka yose yashinzwe dharanira ubutegetsi ngo nabugeraho azabone uko arengera inyungu z'abo ahagarariye. Bunabe n'uburyo bwo guhitisha ibitekerezo lyayo mu buryo bworoshye. Ariko uko ayo mashyaka ari 16 yose siko aziyamamiza umwanya wa Perezida wa Repubulika. Yewe n'umwanya w'ubudepite siko ayo mashyaka yose aziyamamaza. Impamvuta yindi ni uko muri yo hari aya shinzye by'umurimbo gusa. Ayo mashyaka ni ya yandi yumva amatora vegereje aqahitamo kwiyunga n'amashyaka afite ingufu aqira ngo natsinda azabone nk'umwanya w'ubudreiteri, cyangwa se undi mwanya uciriritse. Reka dufate umubare w'amashyaka yose maze turebe ashobora guhetana. Hari MRND, MDR, CDR, PDI, PSD, PL, PDC, PPJL, RAMA RWANDA, PEKO, MFBP, RTD, PARERWA, PADER, UDPR, PSR, na PD.

Muri ayo mashyaka rero hashobora kubonekamo Perezida wa Repubulika ni atatu gusa, : MRND, MDR, CDR. Impamvu dutanze ariya atatu ni uko yo aboneka mu mpande zose z'u Rwanda. Biragaragara ko uwo abayoboke bayo batatora atahita. N'ubwo kandi ariyo yagaragaye ko akomeye, nayo adafatanje n'ariya mashyaka afite ingufu nke ntacyo yageraho.

Urugero rwa hafi ni ariya mashyaka mato, hari afite abayoboke bagira akamaro mu gutanga insinzi. Twavuga nka PSD ifite abayoboke benshi muri Butare gusa. PDI nayo igiye igira abayoboke bake mu turere twose tw'u Rwanda. Na PL ishobora kuzasenyukira muri FPR, umunsi yatashe.

Amashyaka PL na FPR azaba afite abayoboke benshi kuko azaba abumbye abatutsi benshi ndetse n'abahutu bazaba bemeye kuba ingaruzwamuheto. FPR cyangwa

PL rero ni amashyaka nayo ashobora gutanga insinzi kuko aguhaye amajwi yayo (14%) y'abayoboke bayo byakugirira akumaro.

BIZAGENDA BITE KURI MRND.

Kugeza ubu MRND ntirerekana politiki yayo yatumwa abayoboke bayo bayitora. Yewe ntirerekana neza uwo izatanga ku mukandida wa Perezida wa Repubulika ndetse n'uzaba umukuru wa MRND ntaragagara, nyuma yaho Ikinani gisezereye kuba umukuru wayo. Aha ubantu bakabu barabeze mu gihirahiro bibaza politiki izatangwa n'iryo shyaka maze abantu ikabanyura bigatuma umukandida wayo ku mwanya wa Perezida wa Repubulika atorwa. Benshi bibaza niba mu kwamamaza izakomeza kuvuga ubumwe n'amahoro. Kuko ubwo bumwe, abahutu bo muri MRND bemeza ko ari bwo bwatumye abatutsi badutera. Twe tukibusinzi-riyemo. Nyuma y'ibyo kandi MRND isabwe kuzareba andi mashyaka yo kuyishyigikira nk'uko twabivuze haruguru. Igiteye ubwoba ni uko abo MRND yakijije ubu banze gutanga imisanzu yatumwa ishyaka ritera imbere. Nabayitanze ugasanga baratanga intica ntikize. None se ko MRND yabakijije bategereje iki nayo ngo bayifashe itsinde ?

BITE NA MDR ?

Iryo shyaka naryo riboneka mu turere tw'u Rwanda dore ko hari abariyobotse baryita MDR ya kera. Ubu bakaba barabuze uko babyifatamo nyuma y'aho iryo shyaka risa nk'aho riciyemo ibice bitatu bitavuga rumwe. Hari MDR-HUTU, MDR-TUTSI, MDR-GITARAMA. Iryo shyaka kugira ngo ritsindire umwanya wa Perezida wa Repubulika ni ngombwa ko ribanza gusobanurira neza abayoboke baryo uko risa, uko riteye n'icyo rigamije. Bityo rikunga biriya bice bitatu ? Ibyo byarangira bikagaragaza niba rizabogamira kuri FPR, cyangwa se niba rizabogamira kuri CDR. Ibyo ari byo byose, MDR yonyine nti-

shobora qutsinda amatora ya Perezida wa Repubulika. Impamvu ni nyinshi kuko kugeza magingo aya nta programu riratanga yatumwa abariyobotse biyemeza kuritorera umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika. Usanga gahunda y'iryo shyaka yarakunze kugragaza ko ryo ryishakira inzibacyaho qusa, maze abayobozi baryo bakibonera ubutegetsi bakirira nk'abandi bose, ari muri MRND, cyangwa se MDR.

Nta muyoboke barerekana ngo turebe niba ari miseke igoroye maze abayoboke bamwumve barebe niba koko yababera umukuru w'igihuqu. Byose birashoboka muri Politiki. Ingifu za PSD na FPR zizaba zikenewe cyane cyane na MRND na MDR.

BITE SE MURI CDR ?

Iryo shyaka ubu rigeze aho gukomera cyangwa se gushegesha. CDR yagaragaje ko ari umutame-nwa yereka abanyarwanda n'amahanga ko iri mu mpande zose z'u Rwanda. Yerekana ko icyo idashate kidashobora kuba. Ko naho cyaba cyabyara imvururu. CDR yerekanye ko ifite abayoboke mu aihugu hose ndetse no mu mashyaka yose ihafite abayoboke yo na FPR. Ariko n'ubwo CDR yerekanye izo ngufu bwose iracyafite intambara itoroshye yayitsinda ikabona gutegeka uko yifuza.

CDR iteye ite ? Yavutse ari ishyaka rirengera rubanda nyamwinshi, yereka inyenzi ko zidateze gufata u Rwanda ku ngufu. Ko naho abahutu bapfa ko batabura n'uwmumti usigara. CDR yasabye abahutu bose kunga ubumwe ngo barwane ku

rwababyaye. CDR yasabye ko iki-bazo cy'inyenzi cyakemurwa mu nzira y'imishyikirano. Hakabaho amatora, utsinze akaba ari we utegeka. Yumvisha abahutu ko bareka gukina mu bikomeye, ko umukino barimo bashobora gutuma u Rwanda rusubira ku ngoma ya cyami. Iryo shyaka ryaje kwitabirwa cyane. Ariko naryo ntiriragaragaza niba rizatanga umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika. Kugeza ubu niryo shyaka ritari muri Guverinoma. Kandi rirakomeye. Ni naryo shyaka ridafite umwanya mu nzego z'ubutegetsi kereka ikigo gitgekwa na Bucyana Martin, Perezida waryo. Niba rifite uwo rizatanga ku mwanya wa Perezida wa Repubulika rero, niba ahari ni nde? Ateye ate ? Yagaragaje he ko yashobora kurengera inyungu za rubanda nyamwinshi ? Yatanze ate umusanu w'ishyaka ?

CDR kandi igomba kugaragaza icyo izakora umunsi FPR yakomeje ubugome bwayo. Dore ko bivugwa ko FPR nimara kugera mu nzego z'ubutegetsi, izashoza indi ntambara yazatuma ifata ubutegetsi bwose. CDR nigaraqaze icyo izakora icyo gihe. Usibye ko yanavuga uko biza-genda umunsi FPR yarekeye aho ubugome bwayo, ije yitonze. Icyo gihe FPR yerekanye ko iretse agasuzuguro, ikerekana ko idashaka indi ntambara, CDR irasabwa kugaragaza indi porogaramu, nshya, yakoreshwa kugira ngo abayiyobotse bemere kuyitorera umukandida iza-ba yatanze ku mwanya wa Perezida wa Repubulika.

CDR IFITE INGORANE ZIDAHUYE N'IZABANDI

NGEZE Hassan,

NGEZE Hassan
KANGURA

Kigali, le 10/06/1993

Bahutu bene wacu, nyuma y'uko mbagezaho ubushize ibaruwa twandi-kiye itwari Mutombo Joseph, twifuga ko yazadusubiza atubonekera mu ndoto. Mu gihe rero dusinziriye, aho kubonekerwa na Mutombo, haje kuza

umusore mwiza ufite roho gusa dore ko umubiri wasigaye naho ku isi. Uwo musore akaba yitwa NKURUNZIZA. Ibyo twaganiriye muri izo nzozi biteye agahinda, twamaranye amasaha atanu yose. Yatangiye atubaza amakuru y'amashyaka. Tumusubiza ko ubu yose yacecetse. Atubaza impamvu: tu-musubiza ko hashyizweho itegeko ryo kuba riagaritse za mitingi kubera i-mpamvu z'umutekano.

Andi mashyaka CDR yayakera mu rwego rwo kugira ingifu za politiki gusa. Naho ku byerekeye ingifu z'abayoboke, CDR igomba gukora ibishoboka byose ikabona abayoboke bangana na 3/5 by'abashobora gutora kuko yo ntayo iziyunga nayo. Umva nta shyaka rigwiriyemo abatutsi rishobora kwiyunga na CDR. N'andi mashyaka agwiriyemo abahutu nayo arasha-ka kwitangira umukandida wayo. Kubera ibyo tumaze kuvuga haruguru, biragaragara ko mu mashyaka akomeye mu Rwanda, MRND, MDR, CDR, batarerekana neza uwo bashobora gutanga mu matora ya Perezida wa Repubulika na Politiki yatangaza ikaryohera abamutora.

FPR yo umwanya wa Perezida wa Repubulika izi ko itakwirirwa iwusa kuko yabonye isomo i Burundi aho ubutegetsi bwa gitutsi bwabonye amajwi agayitse cyane. Gusa ishobora gushoza imvururu, igamije kurangaza rubanda maze igafata ubutegetsi ku ngufu. Igasobanurira amahanga ko yabufshe ishaka guhosha imvururu. Icyo gihe kandi n'abahutu baba bahashirira. Iperereza ryacu nisesengura riracyakomeza. Duhaye urubuga amashyaka yifuza kuzahatanira uwo mwanya wa Perezida wa Repubulika akatubwira uko yo atekerezza. Kugeza ubu twe turabona ntawe urigaragaza watorerwa kuba Perezida wa Repubulika na politiki yagenderaho.

Ibaruwa nzozi ku Bahutu bose dusangiyie ibanga.

Yakomeje atubaza nuko muri CDR byifashe mubwira ko duhagaze neza ku bigaragara hanze. Akimara kumva icyo gisubizo yarahigimye, mubaza impamvu, atemera ibyo mubwiye. Ansubiza ko usibye kubura umubiri gusa naho ubundi roho ye itapfuye ko ihari, iri i ruhande rwa Gi-hanga. Ati tube dukomeje ibya CDR, turabigarukaho mu kanya. Ati bite no muri MDR, musubiza ko muri iryo


shyaka harimo ibice bitatu. Igice cya mbere kigizwe n'inyenzi, igice cya kabiri kigizwe na CDR, n'igice cya gatatu kigizwe n'abanyagitarama gusa. Ku byerekeye Perezida w'iryo shyaka cya-ne cyane urusaku rwamurangaga, mu-subiza ko urwo rusaku ubu rwashize kubera ko yatahuweho gusebya musanzire we. Kandi uwo musanzire ari-we wemerwaga na benshi mu ghugu. Ambaza icyo nyiri ubwite abitekereza-ho. Mubwira ko atagihari ko yishwe n'abantu bataramenyekana ariko mu babatumye, ubu hakaba hakekwa Twagiramungu. Ubwo Nkurunziza ambwira ko nta gitangaza kirimo kuko atari uwa mbere ntabe n'uwa nyuma uhitanywe na Twagiramungu. Ati bite se muri PSD? Namubwiye ko ubu PSD yiganje i Butare no ku Mumena, ku bu-ryo gutandukanya PSD na PL ubikora ushishoje dore ko bose basa. Ko abayobozi ba PSD icyo bakoze ue-reye kuri Gatabazi, baranzwe no kwigizaho umutungo aho waba uvuye hose. Ngo ubwo nibwo buryo kuri bo bwa nyuma bwo gusahura igihugu. Ibyakozwe na PSD byabara abatuye i Kigali gusa. Nibwo yambazaga by'u-mwihariko ko nibuka, impamvu yatu-mye yitaba Imana. Ngiye kubivuga a-nnsaba guceceka maze akavyvugira.

Ati: Ishyaka rikimara kuvuka, twabyitatiriye turi benshi. Amagambo y'abayobozi ba CDR niyo yatugeraga ku mutima. Ati nakundaga Bucyana iyo yavugaga ko yanga agasuzuguro k'abatutsi, ngakunda Barayagwiza iyo yavugaga ko tugomba kurwanya iterabwobaahorivarkagera. Agakomeza avuga ko kurengera inyungu za rubanda nyamwinshi, bigomba gushyirwa mu bikorwa. Ati kinkiri ku isi yanyu y'ibibazo, nakundaga kumva aho Nzabandora aburanira abahutu. Ati nakundaga Mugimba ukuntu yasuhuzaga abayoboke ba CDR no kubaha agacupa. Ati nakundaga kumva Nahimana aho yabanzaga gushishoza mbere yo kuvuga. Ati noneho reka nkugezeho icyo tutazi neza. Ati mwibuka inama ya Guverinoma ivuga ko igiye gusesa i-shyaka ryacu? Ati twose twavuze ko ari twe dushakwa nibwo twikoze no ku Kacyiru mu gitondo kare. Dukora imyigaragambyo yo kwereka Mbonampeka ko asubiza inkota mu rwubati. Akanaho icyemezo cyo gusesa CDR. Uwo munsi iyo myigaragambyo yacu ytabiriwe n'abahutu benshi. Ukuntu twanganaga nibyo byari biteye u mwanzu duhanganye ubwoba.

Ubwo umupolisi w'umututsi waru hafi aho, ubwinshi bwacu byaramuriye, yakumva nuko twavugaga ngo Impuza-



NKURUNZIZA



GAFARANGA

mugambi turi maso, ngo turangwe n'ubufatanye bwa rubanda nya-mwinshi, akumva umutwe we ugiye gusandara. Nibwo njiyewe Nkurunziza na mugenzi wanje mubona kuri iyo foto, umupolisi aturoshyemo ururasu. Ubwo aduturitsa imitima. Mu gihe twasambaga twembi, twajurije ku ijambu rimwe: ngo n'ubwo dupfuye bwose dusize abagabo muri CDR. Ati noneho imiryango yacu izasurwa. Abacu dusize ishyaka rizabitaho. Ati mu ishyaka bazashyiraho uburyo bwo guhora batwibuka dore ko ari twe twabaye abambere mu kumena amarasoyacu, tuzira ishyaka kandi tukagwa mu myigaragambyo yo kugaragaza icyo ishyaka ritekereza. Ubwo imirambo yacu yaje kujyanwa mu buruhukiro bw'ibitaro bya Kigali ari naho wowe NGEZE wadufotoreye ariya mafoto. Icyashimishije roho zacu n'uko mu kuza kutuvana mu buruhukiro haje abagabo bagaragara ko bababaye. Bituma roho zacu zikomeza kugira icyizere ko imiryango yacu izafatwa neza. Muri abo bari aho hari:

- Ntawumenyumunsi Daniel uyobora Petrorwanda.
- Mugimba, umunyamabanga w'i-shyaka
- Gasore Zacharie, igikwerere cyo ku Gisenyi
- Hari n'abandi bahutu benshi barimo Silivesitiri Ndabarinze, ukora muri Minisiteri y'Ubucamanza. Ubwo imirambo yacu yajyanywe mu ngo zacu ya-

raye mu buruhukiro. Ababyeyi bacu bashatse kuja kudushyingura, abayobozi b'ishyaka barabihagarika, bavuga ko twahambwa ku wundi munsi, hari abayoboke bose b'ishyaka. Bityo bikagaragariza u Rwanda rwose ko ari twe tutazibagirana mu mateka ya CDR. Dore ko byari binagishyushye.

Ndibuka umurongo wakozwe uva ku biro bya CDR ukagera i Nyamirambo aho dutegereje izuka ryacu. Twibuka ijambu Visi-Perezida wa CDR yavuze ubwo twashyingurwaga, yenzo ko duhambwe nk'intwari. Ko tuzahora twibukwa. None reto NGEZE, reka ngutume ku bayoboi ba CDR bose, uzabampere ibibazo bikurikira : nibagusuzura uzabingezeho mu zindindoto. Ntumbaze impamvu, nibanze mu biganiro jyenyine, ni uko uyu mugenzi wanje yanze kuvuga kubera agahinda afitiye abo yasize. Kuko abona ntacyo bamumariye.

Nkurunziza ati twapfuye tuzize i-shyaka kuki ntacyo ishyaka ryakoze. Kuki ntawigeze atekereza gusura abc twasize, abagore bacu n'abana bacu Ese hari abibuka ko twarashwe tuzizi imyigaragambyo yo kuburizamo icye mezo guverinoma yashakaga gafat cyo gusesa CDR? Ese ubu aho twadutuye, twari ducumbitse, ubu amaz abana bacu babamo arihwa na nde Ese ko mwabonye twarahambw n'abantu benshi aho ntitwabanukira ga? None se ko bihutiye kuduham-

ari benshi hakabura n'umwe usubira gusura imiryango yacu, uhereyeku bagize Komite y'ishyaka? Ese ko abayo-boke bo hasi bifuzaga guteranya udutanga two kugoboka abo twasize iheruheru, batagira kirengera bazabikora bate, batabibwiwe na komite? Esemuri Komite barabona nibikomeza kuriya bizagarukira ho? Uzatubarize Komite

MUGENZI Yustini, PEREZIDA WA PL YISHINGIYE ISHYA-KA NONE ACYUYE UMUNYU.

Ngo koko abatutsi niba "nta munoza". Abakurikiranira hafi ibibera mu Rwanda, bamaze iminsi bibaza impamvu umuminisitiri yakwegura maze hagashira amezi 6 nta wundi uramusimbura.

Ibyo iyo ubinonosoye usanga hanimo amacenga menshi ya politiki, hakabamo ughimana kw'inzego z'ubutegetsi. Tuvuze amacenga kubera ko bitumvikana ukuntu ishyaka nri muri Guverinoma ryabura umuminisitiri usimbura uweguye kubera impamvu zinyuranye. Ihyaka PL ryashinzwe n'abahutu, barimo Mugenzi, Mbonapeka, Ntamabyaro. Baje gufata-nya n'abatutsi bifuzaga gucisha ibitekereo by'inkotanyi muri iryo shyaka. Nk'uko uko ba Lando, Kameya n'abandi bose basigaye baje kwigurira ishyaka bitabagoye maze nikaba ishami rya FPR. Ni naryo ryari rishinzwe kohereza abana mu Nkotanyi. Ibyo byose byaje kurangwamo amakimbi-rane kuko abatutsi bataje kwemera imyanya baje kugabanya, dore ko bari bahawe imyanya itatu, ubucuruzi n'inganda, wafashwe na Ntamabyaro Agnes w'umuhutu, Mbonapeka w'umuhutu ahabwa Ubutabera maze na Lando w'umututsi ahabwa imbereho y'abaturage.

IBIBAZO BYAJE BITE?

Abatutsi baje kubwira abahutu ko hagomba demokrasi, ubutegetsi mu ishyaka bukagabanwa hakoreshejwe umubare wa benshi. Nonho mu matekay'u Rwanda bari biyemejekubahiriza demokrasi. Ubusanzwe, barayiwanya kubera ko itangaza ukwikuza kwabo. Ubwo baje gusobanura ko kubayoboche 100 ba PL, 99 ku ijana ari abatutsikorero imyanya yo muri Guverinoma igomba guhabwa abahagara-ye benshi n'ukuvuga ko 2/3 by'imyanya yo muri Guverinoma byahabwa abatutsi naho abahutu bo bakeya bagabwa 1/3. Ubwo byaje kunanirana dore ko Mugenzi atabikozwaga kandi

nawe urimo aho imiryango yacu yagiye kwangarira kubera kubura gifasha. Uzatubarize by'umwihariko icyo Nahimana atekereza ku magambo yavuze ubwo yasozaga umuhango wo kudushyingura. Nimubasha kumenya aho imiryango yacu yangariye muzaba mukoze. Kuko umutima wo kumenya aho iherereye wakomeza ukagera no

kubafasha. Urakoze! Ni ah'ubutaha.

Ngizo inzozi narose nganira na bagenzi bacu bitabye imana bazira i-shyaka. Ubwo ubutaha tuzabasubiza tumenyc icyo abayoboke babitekere-zaho.

NGEZE Hassan

ari we wishingiye ishyaka. Amakimbi-rane yarakomeje ubwo Mugenzi yiyambazaga abahutu bene wabo ba boneka mu yandi mashyaka, PSD, MDR, na PDC, ku mushyigikira kuri uwo mwanya.

Ubwo ikinani kiza kwemera by'uburyarya ko Mugenzi yakwinjira muri Guverinoma, iminsi mikuru irategurwa. Ubwo abatutsi babonye ko batsinzwe nibwo begereye ikinani barakibesha, bacyumvisha ko bazagikorera ibitangaza mu minsi y'amatora. Ko bazumvisha abatutsi bacye b'indahemuka kuzatora MRND. Abo ni nka babandi na n'ubu bacyambara umudari w'ikinani. Ubwo ikinani cyaje kubasaba impamvu zifatika cyazabwira abanyarwanda ko Mugenzi afite ubusembwa bumuba kuba umutegetsi wo mu rwego rw'ighugu. Nibwo bamuhye ibitekereo nyakuri bikubiye murwandikorwashyizweho umukono tariki ya 28/10/1991. Usibye ko ikina-ni cyari kibonye uburyo cyereka ko abatutsi ari ba "nta munoza" kubona banga uwabahangiyre PL? Dore uko byifashe :

Kangura

Kuri Bwana MUGENZI Yusitini
Perezida wa SORWACI
Perezida wa PL
Kigali-Rwanda

Impamvu: Iyicwa rya GATERA David

Bwana Perezida,

Twababajwe n'inkuru y'urupfu rwamurumuna wanyu wishwe n'amassu y'umusoda Kizungu, amusanze iwe mu rugo i Kinyinya, tariki ya 25 U-kwakira 1991, saa kumi n'ebiye za mu gitondo.

Imbere y'ubwo bwicanyi bubabaje, duhamagariwe kurushaho kongera gutekereza ku mahoro hagati y'abantu, ku kubabarirana no kwihangani-rana. Mu by'ukuri, ukubabarirana gu-sanga iburary'umutekano n'ihutaza ari

byo bibyara ugucagagurwa kw'abantu n'ibantu.

Bwana Perezida, dusanga mu buzima bwanyu bwose, ndetse nomuriza disikuru za politiki, muvuga muri ibi bhe, ntimwigeze muba, kandi nti muri intumwa y'amahoro n'ubwihangani-rane. Icyo kiregokirakomeye ariko gifite ishingiro nk'uko tugiye kugisese-nitura twifashishihe ingero zifatika mu mirongo ikunkira. Ingingo ya 1: Mwibuke Bwana Perezida, mu gihe cya gikolonize, ubwo mwigaga i Bujumbura, mwibye imodoka ya "Résident-Général" wa Ruanda-Urundi witwa Jean Paul HARROY. Babalatiye ku Kanyaru bibaviramo kwirukanwa i Burundi (Urundi). Icyo gikorwa cyo gutinyuka ahari cyagerekwa ku maraso ya gisore aho gushyirwa mu rwego rw'ubujura buhambaye, ariko na none mwibuke ko, mu mwaka w'1963 mwirukanywe mu ishuri rya ba ofisiye ry'i Kigali muzira ubusubiracyaha mwiba ijiye ya gisirikari.

Ingingo ya 2: Uburara bwanyu bwo-ngeye kandi kuberekeza iya Uganda, muri Kaminuza ya Makerere. Hashize igihe mwagarukanye mu gihugu impamyabushobozi ya dogiteri mu burezi. Minisitiri w'Uburezi yanze kuyemerakubera ko yari impimbano. Mwasubiyi i Makelefe noneho muza guhindukirana impamyabushobozi ya lisansi mu burezi.

Ingingo ya 3: Mu mwaka w'1975, mwashinjwe urupfu rw'umugore wanu w'isezerano. Mwakatiwe urwo gupfa mugize ngo murajurira urukiko rusesa imanza rusanga nta shingiro mufite. Nyuma y'imyaka itandatu mu buroko. Perezida yaje kubagirira imbabazi noneho musubirana ubwigenge bwanyu.

Ingingo ya 4: Mu bukene, nta kizere, mwaje gusunkwa n'insuti z'igihe kirekire, cyane cyane inkunga itari

shyashya ya murumuna wanyu Gatera David, mubona inguzanyo ya BRD (Banque Rwandaise de Développement) ihwanye na miliyon 137 z'amanyarwanda mwubatemo uruganda rukora ibitembo. Mwibagiwe kwi-shyura ideni rya BRD ku buryo urukiko rwa Mbere rw'iremezo rwabahama-gaye tariki ya 19 Ugushyingo 1991. Impamvu y'ihamagazwa: miliyon 480 z'amafaranga y'u Rwanda mugomba kwishyura BRD (ideni-inyungu).

Ingingo ya 5: Mbere yaho, umuhesha w'Inkiko. Nyakwigendera Kimonyo yiciwe iwe mu rugo i Nyamirambo mu mwaka w'1987, mwebwe, Bwana Perezida, na murumuna wanyu Gatera David, mwari kuri lisiti ndende y'abake-kwa, ariko umwanya mufite wabahe-sheje akabanga, mukaburana muri hanze, mu gihe abandi bakekwaga ba-rimo umucuruzi Gakwaya Gérard ba-fashwe bagafungirwa muri gereza ya Kigali. Mu mwaka w'1988 mwebwe na murumuna wanyu Gatera mwaha-majwe n'inkiko kubera urupfu rwa Kimonyo. Ibimenyetso bibahamy u-bwicanyi ni: nyakwigendera Kimonyo mwari mwafarataniye kugura inzu ibiro bikuru bya PL bikoreramo ubu. Mukaba rero mukekwaho kuba mwarikijje uwo mwari mufatanyije kugira ngo mwishimire mu mudendezo mu biko-rrwa bye mubonye ntacyo mubiguze. Nyakwigendera Kimonyo yasize umupfakazi n'imfubyi nyinshi z'abakobwa zirimo umuhungu umwe Kizungu waje kuba umusirikari akaza kwica Gatera kugira ngo ahorere se Ki-monyo.

Mu w'1988 nibwo nyine mwitabye urukiko rwa Mbere rw'iremezo rwa Kigali

- Ubucamanza bwaje guhanagura icyaha kuri Mugenzi kuberako nta bimenyetso bihagije bwari bufite.
- Ubucamanza bwakatiye Gatera David igihano cy'urupfu kubera ko yafatanyije n'abishe Kimonyo.
- Ingorane ziragaragara, umuva-ndimwe wanyu wabakoreye byose, agiye mu buroko ahets e igihano cy'urupfu. Ariko murakomeye, mufite amafaranga (n'ubwo ayo mafaranga yaba mu by'ukuri ari aya BRD)... mwibuke abacamanza mu kiganza cyanyu ! Nguko uko Gatera yahanguweho icyaha.

Ingingo ya 6: Gatera gmade guhanagura ho icyaha ntiyagize amahoro namba, umupfakazi wa Kimonyo,

yakwije ibigambo bitera Gatera ubwo-ba. Uwo mupfakazi yamusabye ama-faranga arayahabwa kandi buri gihe agahabwa menshi kurushaho. Uwo mupfakazi nawe yaje gupfa mu buryo budasobanutse. Kugeza magingo aya iby'urupfu rwe ntibirashyirwa ahaga-ragara.

Ingingo ya 7: Abana ba Kimonyo barakaze, Gatera ntivigera agira ama-hwemo : ibigambo bimutera ubwoba byarakomeje. Ngaho abakobwa, ngu-wo umuhungu, bose barasaba amafaranga bagenda basimburana mu buryo butaretsa. Gatera ntacyo yashoboraga kubikoraho kandi namwe ubwanyu Bwana Perezida mwari mubizi neza. Kuki rero imbere y'iryo terabwoba, y'iryo hungeta, mutigeze mutabaza ubutegetsi bubishinzwe ngo bubarengere ? Ni mwebwe rwose Bwana Perezida, mushobora gusubizaicyo kibazo.

Tugeze ku ipfundu ry'inkuru y'u-bwicanyi bukurikirwa n'ubwicanyi, bugasaba guhora, bugakongeza ubu-rakari bukabije. Noneho rero Bwana Perezida, ni mwibuke ibikorwa baba-je byo mu gitondo cyo ku wa 25 U-kwakira 1991.

— Umusirikari Kizungu ajya kensi kwa murumuna wanyu Gatera. Mu rugo baramumenyereye, ateye icyo n'iki, ariko se wakora iki mbere y'umuntu usigaye uza noneho yitwaje intwarz?

— Mu gitondo cy'ishyano, umu-sirikari Kizungu ajya kwa Gatera, ahe-rekejwe n'abandi basore 3 bambaye gisivili. Umuzamu ^{"yahise"} ame-nya Kizungu, amufungurira umurya-ngo w'igipangu. Kizungu ategeka umuzamu guhamagara shebuja, umuzamu aragenda aramuhamagara, Ga-terayitaba bwangu yambaye imyenda y'ijoro. Dore ibyo baganiriye nk'uko bivugwa n'umuzamu n'umugore wa Nyakwigendera :

Gatera : Kizungu, uje gukora iki muri iki gitondo ?

Kizungu : nje gushaka amafaranga.

Gatera : sinshobora kubona amafara-nega muri iki gitondo, ugaruke ku ma-nyawa.

Kizungu : ndashaka amafaranga no-naha kandi nyuma ndakwica kubera ko wishe data.

(Ahangaha Gatera yahise yiyumvisha

ikimutegereje, abona mu maso y'umu-hungu w'umwicanyi ubukana bwinshi, asaba bwangu umugore we kujya gu-shaka amafaranga mu nzu. Umugore nta na kimwe cyamucitse muri icyo ki-ganiro cy'ubwicanyi ku buryo yahise ahindukirana amafaranga ibihumbi ijana by'u Rwanda. Ikiganiro kirako-meza :)

Kizungu : Ibihumbi ijana ! Ntabwo bi-hagije kandi ngiye kukwica kubera ko wishe data.

Gatera : Ndagutakambiye rwose, ntu-nyice, uze kongera ugaruke ku ma-nyawa, ndaguha amafaranga yose ushaka.

Muri icyo kiganiro, umuhungu w'u-mwicanyi aba arekuye isasu rya mbere rifata Gatera mu nda, arekura irindi ri-mwahuranya umutima. Ahita agwa imbere y'umugore we.

Umwanzuro : Ntidushobora kuvuga ibyo iperereza ritarageraho, ni ryo ryo-nyine rizashyira ahagaragara iby'urupfu rubabaje rwa Gatera, ariko dufite uburenganzira bwo kubaza Mugenzi Yusitini ikibazo :

Mu byukuri koko, dukurikije amakuru tumaze kubagezaho, mu byukuri rwose Gatera yishwe kubera ko yari umu-vandimwe wa Perezida wa PL ? Duhe-reye ku byo tumaze kubona urupfu rwe rutianye isano na politiki ?

Kuri twe, ibi bihe birakomeye kandi tu-rizera ko ari ngombwa kwigisha amahoro, urukundo n'ubwiyunge hagati y'abantu, kuko mu kuri kose, ubugome bubyara ubundi.

KAVARUGANDA AKWIYE GUCI-BWA URUBANZA MU MAGURU MASHYA.

Kuva Kavaruganda yajya mu nzego z'ubucamanza, haba muri Parquet ndetse no mu nkiko, uwo mugabo yaranze no guka-ngata, igitugu, gusuzugura abakozi, ironidakoko n'irondakarere, kwica amategeko abishaka cyangwa se abitewe n'abuswa. Ngira ngo aba-kozi b'Urukiko Rusesa Imanza bazi aho abageze abaha amakonji, Kava-ruganda yita ay'ububwa cyangwa se akiha guhagarika abacamanza kandi atabifitiye uburenganzira nk'uko byagendekeye Habimana

Burya rero ngo nta gahor-gahanze. Kavaruganda yabonye i nkubiri ya Demokarasi n'amashya ka menshi bigeze mu Rwanda

BIRIHUTIRWA

Ngo Commandant BIZIMANA yashyizeho umutwe ushinzwe kuzarasa NGEZE Hassan. Ngo uwo mutwe ukozwe n'abantu bane tutaramenya neza amazina yabo. Gusa icyo tuzi neza ni uko harimo uwitwa Twizeyimana Faus-tin, usanzwe ari icyitso cya Bizimana. Ngo yahawe imbunda y'umugereka yo kuzakora ako kazi. Abandi bari muri uwo mugambi tuzabatangaza nitumara kumenya amazina yabo. Gusa icyo umuntu yakwibaza ni iki : Bizimana yasanze kurasa NGEZE Hassan ari bwo buryo bwo guhisha urupfu rwa Seki-dende yatsinze ku Gisenyi ?

Ese NGEZE apfuye we abona yabaho ?

Ese azi ko NGEZE Hassan naramuka amurashe, abahutu bazabura undi uba-vugira ?

Ngo yababajwe n'uko KANGURA yamutahuye maze ikaba imwandika mu bibi yakoze. None se aruta Habyarimana, Buyoya, Nkubito, Mugemana ? Yagombye kumenya ko na Koloneri Renzaho ari na Perefew'Umugiwa Kigali yamaze guceceka kubera demokarasi.

Commandant BIZIMANA nashikame tumutoze demokarasi. Tumwereke icyo abaturage bamutekerezaho. Naho kurasa se azarasa kugeza ryari ? Nyamarahohokurasa NGEZE ahubwo wasenva système (uburyo) Ngeze akoresha kandi akoreramo. None se urashe NGEZE, hakaboneka batanu bakorana ubuhanga kumurusha?. Tumaze kumenya iyo nkuru twahise natwe tumufatira ibyemezo atazava imbere naramuka akinishije uwo mukino amenyereye. Twanditse tumurega mu rukiko rwa gisirkari i Nyamirambo. Uko urubanza ruteye muzabisome muri KANGURA y'ubutaha. Na Buyoya ntiamurutaga. Ngo yakoze fotokopi zirenze 200 kuri Mérident. Ese aho gupfusha ubusa amafaranga y'ikigo, kuki ataziguze ko Kangura igura make ? Azarakara aruhe kuko Kangura itazamureka.

Mohamed Omar Gisenyi Podium

abona ko yaryozwa amarorerwa yose yakoze, nibwo yishyize hamwe n'abatavuga rumwe n'ubutegetsi bw'Ikinani kugira ngo ajijishe abatamuzi neza, bibwire ko nta ruhare yagize mu kutubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Ibyo byagiye bigaragarira mu mategeko yagiye yanga kwemeza nta mpamvu, uretse kuburana urwandaze no mu mpapuro z'amahomvu yagiye yandikira Perezida wa Repubulika zisa n'aho zimubwira ko ibyo yagiye yica byose, amategeko yagiye (Kavaruganda) akandagira, byose ntacyo yari ayobewe ahubwo bwari uburyo bwo kwicira inshuro ngo batamunyaga maze agategekwa n'umututsi Ntashamajie.

Arabeshya ariko abanyenduga ntibazibagirwa abantu babo yakoreye amadosiye adafututse ubwo yari Procureur mukuru w'u Rwanda bikageza aho bagwa muri gereza. Mu byukuri rero ibyo rubanda

yirirwa iryoza Lizinde na Habyarimana kw'iycwa ry'abanyapolitik b'i Gitarama ni Kavaruganda wago mbye kubisubiza.

Ni nde se uyobewe urubanza rw'urufatirano rutagira umutwe n'iki-buno yaciriye Gatabazi na bagenzi be muri 1985 abahamya kuba baranyereje iby'impunzi zari zavuye muri Uganda naho mu by'ukuri ari ukugira ngo ashimishe mucuti we Nsekaliye wari warigize ikigirwamana nkawe wari washeze muri Kongere y'i Butare ngo agomba kubona umutwe wa Gatabazi.

Kavaruganda ingeso yo kurigisa iranzie iramukurikiranye. Nk'uko urubanza 2871/Kig. rwaciwe na Cour d'Appel ya Kigali tariki ya 5/03/1981 rubihamya, Kavaruganda, uwo mugabo igihe yari Procureur wa Repubulika yafunguye rwihihwa muri Caisse d'Epargne compte No 73.766 yashyiragaho amafaranga y'ibintu rubanda (imo-

doka, amazu) yagurishaga mu cyamunara kidakurikije amategeko. Ni muri urwo rwego kandi rwo kunyereza akoresheje igitugu yafataga (saisie) amamodoka y'abantu hanyma agakoreshwu kuri za brigades judiciaires. Ibyo byabaye i Kigali, Butare, Kibungo na Gisenyi. Ubu noneho ni amahano.

Ubusanzwe tuzi ko impapuro zose zakirirwaho amafaranga ya Leta zitangwa na Minisiteri y'Imari.

Kavaruganda aho abonye ko abagenzusi b'imari bashobora kuzamatuhuraho kunyereza, yagiye ku giti cye akoresha carnet eshanu za quittanciers muri Imprimerie Printer Set ku buryo butazwi na Minisiteri y'Imari. Ibyo byamufashije kwakira no kunyereza akayabo k'amafaranga kazwi nawe wenylene dore ko abagenzusi b'Imari baje kumubaza iby'izo quittanciers akabwira abajandarume ngo nibagara-ruka bazabarase. Ubu Minisitiri

Rugenera arashya umutwe yandikira Kavaruganda ngo yorohere abagenzusi be bakore akazi ariko Kavaruganda ntabikozwa. Ahasigaye rero ni ah'ubucamanza maze Kavaruganda agahaniwa urumukwiye.

Ku byerekeye ubwenge ndaha-

mya ko Kavaruganda ubwe bugerwa ku mashyi. Kavaruganda niwe Pré-sident wenyine w'Urukiko Rusesa Imanza ku isi utari wandika igitabo cyangwa article nibura asobanura iby'amategeko cyangwa imanza za-ciwe n'izindi nkiko. Reka dutegere-

ze turebe ko inziba cyuho yaguye yamudukiza ikamusubiza mu mwananya we maze abo yanyaragaho natwe tukamukurura amatwi.

N.S.

Umukozi mu Rukiko
Rusesa Imanza

NAROSE NGANIRA NA NDADAYE.

Umushingantahe NDADAYE Melchior ukomoka muri province ya Muramvya niwe wegukanye amajwi menshi mu itora ry'umukuru w'ighugu ryo kuwa 1 kamenya Niwe muhutu rero wa mbere ugiye gutegeka u Burundi kuva mu binyejana nka bitanu bishize. Twizere ko za nkoramraso z'iwabo zizamureka agakora imirimo abanyagihugu bamusinze !

Mu kiganiro-mpimbanu twagiranye biragaragara ko uwo munyakuri a-kunda demokarasi n'ubutabera, amahoro n'ubusabane bw'amoko, agaharanira atizigamye inyungu z'ighugu n'imibereho myiza y'abagutuyebose.

NDEKEZI ("NDE") wa Kangura:

Nyiricyubahiro Ndadaye Melchior Perezida wa Repubulika y'u Burundi ukaba n'umukuru w'ishyaka maze gutsinda ariryo FRODEBU, mbanje icyakora kukwisegurahc kuko nkuvugisha nkoreshje imugo yo mu buke, "tutoyer" mu gifransa. Ntumva ariko ari ntacyo bitwaye kuko n'abakirisitu bavugana na Yezu bya kivandimwe.

Mbere na mbere rero nifuje kukuba za icyo uzakora cy'ibanze gihuje no guhindagura ibyahozeho nk'uko bri muri porogaramu ya FRODEBU. Ndadaye ("Nda") perezida : Umbabarire kuguca mu ijambo kuko mbona porogaramu y'ishyaka ryanje utarayumwise neza. Ntabwo ari uguhindura ibiriho kuko bitanashoboka ahubwo ni ukuvugurura ubutegetsi kugira ngo ibantu birusheho kugenda neza mu butabera no mu mucyo. Hari ibyiza tugomba gushyikigira ariko hari n'ibibi byo kuvugururwa.

Nde : Ariko se wizeye ubuhe buba-sha n'izihe ngufu byazatumu ugera ku ntego wowe n'sihyaka ryawe mwiyemeje cyane cyane mu rwego

rwo kwubahiriza uburengazira bw'ikiremwantu no gushimangira demo karasi ?

Nda : Ububasha burahari; itegeko-nshina tugenderaho rirabusobanura bihagije. Ingifu zo nzifite mu batu-rage no mu bandi bose baharanira demo karasi

Nde : Uzabana se ute n'abatutsi ba-gifite ubutegetsi hafi ya bwose ki-mwe n'abasirikari bakomoka mu nyoko-ntutsi gusa kandi bikaba bizwi ko batagutoye ?

Nda : Natowe n'abarundi bo mu moko yose ridetse no rnu basirikare nabonyemo amajwi atari make. Simpakanu icyakora ko abatutsi be-nshi batishimiye itorwa ryanje, ariko ndabona nta kibazo gihari. Biganje koko mu nzezo zose z'ubu-tegetsi no mu gisirikare ariko ntibizamubuza gukorana nabo neza mu bwumvikanu no mu bwubahane kuko nabo bamaze gucengerwa na demokarasi. Dore no muri Afurika y'epfo ibantu biragenda bihinduka kandi mu buryo buboneye rubanda y'abirabura nubwo hakiri udutsiko tw'abazungu tutava ku izima:

Nde : uzakorana ute na PALIPE-HUTU ?

Nda : PALIPEHUTU ni ishyaka ritaremerwa; nta mubano rero uwo ariwo wose ngomba kugirana naryo. Uretse ko ntakwirengagiza ko bamwe mu baycboke baryo bashyigikiye FRODEBU. Kandi rero ibantu byageze iwa Ndabaga dushobora kuryiyambaza mu guhangana n'abagitsimbaraye ku bitekerezo bya gitutsi.

Nde : Naho se igihugu cy'u Rwanda n'ibibazo gifite ?

Nda : U Rwanda ni igihugu nzi neza

kandi nkunda kuko nakibayemo igihe kirekire. Niyo mpamvu nzi-hatira kunoza umubano mwiza hagati y'ibihugu byacu byombi. Nzagerageza gufasha abanyarwanda kugera ku mahoro nyakuri binyuze mu nzira z'imishyikirano kuko natwe hano i Burundi duhangayikishi-jwe n'ibibera mu Rwanda, kuko bifite ingaruka mbi ku mutekano no ku bukungu. Gusa aho bikome-reye ni uko FPR yo ishaka gufata ubutegetsi ku ngfu z'amamasu. Nayo ni ukuzagerageza kuyumvisha uku-ri, byananirana abahutu bose bagashyira hamwe bagafata nabo intwaro bakivuna umwanzi. Intambara mu fite yo ni iy'amoko, abazanamo ibibazo bya politiki bidasobanutse baba bajijisha.

Nde : Abahutu bose nyine muza-fa-tanya gute ?

Nda : Ubundi jyewe sinhyigikiye irondakoko. Ndi Perezida w'abu-ndi bose abahutu, abatwa n'abatutsi.

Nubwo rero amateka y'u Rwanda n'u Burundi yaranzwe n'amakimbirane hagati y'amoko, njye nzakora ibishoboka byose kugira ngo habe ubusabane mu barundi bose icyo baricyo cyose nta vangura. Nziko mu batutsi hakirimbo abadashaka ko ibantu bihinduka ndetse biteguye gushoza intambara kugira ngo bu-nGANIRE FPR mu gushaka kwigaruri-ka akarere dutuyemo ariko abahutu nibaba maso bakirinda amacakubiri hagati yabo ubwabo bazaburizamo uwo mugambi mubi. Kumvikanisha amo ko jye nibyo nimiriye imbere.

Nde : Amahanga yo se muza-korana gute ko ubusanzwe ashyigikira ubutegetsi bwa gatutsi; nk'ubu aba-tutsi batangiye kuguharabikisha hi-rya no hino.

Nda : U Burundi bukeneye inkunga

y'amahanga mu kuzahura ubukungu bwabwo Bizaba rwose ngo n'bwa kugirana nabyo umubano utagira amakemwa. Na bya bigega mpuzamahanga by'imari ntibizongera kwitwaza ku tutagendera ku matwara ya demo karasi. Naho ibyo kumparabika byo nta mutegetsi uvugwa neza na bene ingoma asimbuye. Gusa natwe ntituri abana cyangwa ngo dusinzire nk'abanyarwanda bafashwe mpiri bakanuye. Tuzashyira muri za ambasade no muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amanhanga abitabiriye kurengera inyungu za rubanda.

Nde : Nyakubahwa perezida wa Repubulika utekereza iki ku kinyamakuru "KANGURA" cyo mu Rwanda ?

Nda : Ikinyamakuru Kangura ntawe utakizi hano i Burundi. N'abakirwanya ni uko bakizi kandi bagisoma. Bagishimira ko gifite ihame nyaryo kigenderaho kandi kikavugisha ukuri gusesenguye. Izindi nya ndiko njya nsoma dore ko mu Rwanda muzejeje usanga zifite intego y'ako kanya cyangwa zishingiye ku ishyaka, ku karere no ku muntu yuu n'uyu. Naho abo muri Kangura bo bavuganira rubanda nyamwinshi izahoraho kandi igomba kurengera Igihe cyose. Gusa nabasabaga gucisha make ku byerekeye amo-ko. Ntabwo abatutsi bose ari babi kimwe n'uko abahutu bose atari abamalayika. Kandi rero mu bihe tugezembo dukwiye guharanira ubumwe n'amahoro kuko imiryane ntacyo yazatugezaho. N'abatutsi nabo bagombye kwi yumwisha ko ubutegetsi butazhwa n'amatasu.

Nde : Naho se ishyaka CDR na rya buriro "Paix et Démocratie" ?

Nda : CDR ni ishyaka nk'ayandi yose; ahubwo sinurwa Imparmu abantu hamwe na barnwe b'abahutu barihagurukiye nk'aho ribateye ubwoba cyangwa ribangamiye inyungu zabo. Icyakora numviše ko inkotanyi n'abatutsi bihatiye gupakira mu banyenduga no mu bandi bantu barwanya ubutegetsi bwa HABYARIMANA ko CDR ari aka na ka MR ND. Nyamara ahubwo jye

mbona ariyo mashyaka adafite aho ahuriye mu matwara no mu mahame ya politiki kuko nka MRND yonta murorigo uharnye igenderaho. Ahubwo yo na MDR nibyo bifite amatwara ainwe yo gusahurapwa ubutegetsi gusa. Bavuga ko ngo CDR yanga abatutsi, ngo izabica n'ibindi binyoma bitereye aho; nyamara kurengera inyungu z'umuryango wawe ntibisobanura ko ubangamiye iz'abandi. Kurwana ku mutekano w'urugo rwave ntibago mbye gutatwa nkaho ugiye gutsembeza izindi ngo.

Iyo CDR ariko ikwiye gukora iyo bwabaga ikumvisha amahana ukuri, igasibura amayira bayisibiye yose, bityo abazungu bakayigirira icyize-re. Mu banyarwanda nabo haracyari injili ziyongobera ibyo bazitarintse byose, nababayemo ndabazi; abo nabo ni ukubumvisha igikwiye. Hari n'abandi rero bazi neza icyo bakora maze bakirenggiza ukuri babishaka kubera ibibazo by'amoko n'uturere. CDR kandi ntizakomeze kwigaragaza ko ari ihuriro ry'ubwoko bumwe. Ku byerekeye nyine ihuriro "Paix et Démocratie" wambajijeho, numviše ko ririjo ariko sindasobanukirwa neza arnatwara yeryo n'icyo rigamije. Ubundi ibihugu byacu bikeneye amahoro na demokarasi. Gusa mu Rwanda inzira iracyari ndende kubera ko FPR yo ishaka gukoresha imbunda kuko izi neza ko mu matora yakaraba. Icyakora yashoboye kwigarurira umukumbi munimi wo mu mashyaka ari muri Guverinomu, bigatumu n'abaturage ubwabo batavugrumwe ku bibazo bibareba. Dore baritana ba mwana ku iraswa rya GAPYISI kandi bizwi neza ko ari FPR n'ibyliso byayo byamuhitanye.

Nde : Nyakubahwa Perezida, nubwo wabaye impunzi ndetse ukana-hohoterwa n'ubutegetsi bw'i Buju-mura waje kubukorera kandi ubushyigikira ku mugaragaro. Ese bwari ubwoba kugira ngo batakwica ? None se ko FRODEBU izatsinda n'amatora y'abadepte uzemera gusangira ubutegetsi n'abo batumye wangara bakamarira bene wanyu ku icumu ?

Nda : Iyo ngira ubwoba simba nara-

shinze ishyaka riwanya ubutegetsi buriho. Ntabwo nigeze mbushyigikira uretse ko hari ibikorwa bimwe na bimwe byabwo nabonaga ari byiza. Sinigeze nkorera ubutegetsi, nakoreraga igihugu, nakoreraga abarundi. Naho FRODEBU nibona abadepite benshi birumvikana ko ariyo izatanga Minisitiri w'Intebe. Ariko n'andi mashyaka azashyirwa muri guverinoma hakurikijwe ubiganze mu bagize inteko ishinga amategeko. Nubwo rero FRODEBU yarenza 50% by'amajwi sinifuza ko Yategeka yonyine uretse ko muri demokarasi nabyo bishoboka kandi byemewe. Ndetse ndateganya kuza-shyiraho Premier Ministre w'umututsi kugira ngo n'amahanga abone ko nta ronda ubwoko. Dufite abatutsi muri FRODEBU benshi, b'intiti kandi b'inyangamugayo.

Nde : Ni ikihe gihugu uzasura bwa mbere ? Kandi wagira iyihe nama abaperezida bagitsimbaraye ku bu-tegetsi n'abandi baburizamo amato-ra nkana !

Nda : Sindakora gahunda y'ingendo zanjye; ariko hari ibihugu nka Tanzaniya, Rwanda, Zaire, Ubufaransa n'ububiligi biri ku mwanya wa mbere. Naho abategetsi badashaka kuva ku ngoma bo ni benshi ariko buhoro buhoro babishaka cyangwa batabishaka, demokarasi nabo izabacengeramo. Hari n'abanyamashyaka babuza abayoboke babo kwitabira ematora. Abo bose ni abanzi ba demokarasi. Inama naga-ira ni uko bakurikiza ibyifuzo bya rubanda.

Nde : Ni izihe ngamba zo kubunga-burga umutekanzo i Burundi no mu karere kacu kose ?

Nda : Iribazo cy'umutekanzo kirakomeye. Mpereye ku Burundi ubu hari udutsiko dufite intware ku bu-ryo butemewe n'amategeko; du-shobora rero kuzikoresha tukoreka imba, n'iterabwoba rigahabwa urubuga. Hari rero n'ingabo za Leta ubwazo zishobora kudashimishwa n'ihinduka ry'ubutegetsi maze zigashaka gusubizaho ingoma icyuye i-gihe. Bitaba ibyo zigashura, zikica, mbese zigatera akaduruvayo mu gihugu. Nzihatira guhumuriza aba-

rundi bose, nirinda ikintu cyose cyazana amacakubiri kandi nzashimangira ubutabera kuri bose.

Mubihugu duturanye naho ni ibicika. Nko mu Rwanda umutekano uracyari kure n'ukwezi kubera FPR ikomeje kuwuhungabanya ikoreshere je n'ibyitso byayo. Muri Zaire ntakigenda ni mu mvururu nsa, muri Uganda ni ikirunga gitutumba.

Leta yanje izajya ibanza guseengura neza impamvu nyazo z'ivo midugararo kuko kwirengagiza ukurari aribyo bikurura intambara z'urudaca. Nzumvisha abarebwa n'ibyo bibazo ko imishyikirano no gushyira mu gaciro aribyo by'ingenzi.

Ndashaka ko u Burundi buzaba umuhuza uboneye wabazaba bashyamiranye bose.

Nde : Sinzi niba ari urwenya ariko ngo abahutu bo mu Rwanda basi gaye bavuga ko nabo baboriye aho bazajya bahungira kuko u Burundi bugiye gutegekwa n'abahutu...

Nda : Utarakomeza mbarije kukumenyesha ko u Burundi butazategekwa n'ubwoko ubu n'ubu; ibyo nibyo FRODEBU yanze. Igihugu ni icy'abarundi bose, bagomba gusangira ibyiza n'ibibi byacyo byose.

Naho iby'abateganya guhunga byontibhitse kuko ari ntawe ubirukanye. Kandi simpamya ko ziriya nkotanyi batinya zishyigikiwe na Museveni wenyine n'abanyarwanda batageze kuri 10% by'abaturage bose zifite ingufu zo kwigarurira u Rwanda no kugira umuhutu ingaruzwamuheto. Abafite ubwoba bakwiye ahubwo gufata imigambi ihameye yo kwirwanaho mu gihe cyose bibaye ngombwa.

Nda : Petero BUYOYA ni umurundi nk'abandi, nashaka azasubire mu gisirikare cye cyangwa ahabwe akazi mu gisibili. Icyakora nyine agomba guhabwa icyubahiro cyose gikwiye uwahoze ari umukuru w'igihugu; kandi nubwo nawe yagize uruhare mu iyicwa ry'abahutu nibura yemeye ko haba amatora ari nayo yamuhibitse atabikekaga.

Erega ntabwo abarundi banze BU-YOYA ku giti cye ahubwo bari bafite inyota yo kwipakurura ubutegetsi bwa UPRONA n'ibya-

yo byose. BUYOYA agomba kuzabona umwanya ukorneye ndetse azihiitiramo.

Nde : Naho se Minisitiri w'intebé SIBOMANA ?

Nda : Uwo nawe azafatwa nk'umurundi wese; azashyirwa mu mwanya uzaboneka kimwe n'abandi bose bari mu butegetsi bwic hejuru. Bamwe ndetse bazahabwa imyanya ikomeye kurusha iyo bari basanganwe.

Nde : BAGAZA se agarutse wamwakira ?

Nda : BAGAZA ashatse guhunguka sinamubuza narindi atari jye wamukuye ku butware. Icyakora nyine niba hari ibyaha yakoreye igihu-gu bigishcpora gukurikiranwa yabi-bazwa.

Nde : Abagifungiwe ibya politiki bo ntuziga ibyabo ?

Nda : Ndumva nta barundi benshi bafungiwe politiki; tuzareba buri dosiye ku buryo ariko ubutegetsi nyubahiriza-tegeko bwirinda kwivanga mu kazi k'ubucamanza. Ubwigenge bwa buri rwego rugomba kubahirizwa.

Nde : Ubu rero wamaze gukora lisiti y'abantu uzashyira mu myanya ikomeye y'ubutegetsi !

Nda : Icyo kibazo sindagitekereza-ho. Icyangombwa kwari ugusezerera ubutegetsi bwari bwaramunze igihugu. Naho ibyo kugabagabana ubutware ntibyigeze binshishikaza. Birumvikana ariko ko abamfashije kugera ku butegetsi n'abo duhuje amatwara ya politiki ntazabatererana. Gusa rizareba mbere na inbere ubushobozi bwa buri wese. Ntabwo tekiniiki izaganzwa na politiki. Nta nubwo nzakoresha iringaniza nk'uko iwanyu mubigenza.

Nde : Nyakubahwa Perezida, ikibazo cy'impuzi z'abarundi banyariagiye mu bihugu by'arnahanga

uzagikemura ute ?

Nda : Ubundi hari impamvu zatume bahunga; iya mbere akaba ari ubutegetsi bwabatutsi bicaga abahutu urubozo kugira ngo batazabakura ku ngoma.

Mu gihe rero izo mpamvu zitakiriho simbona icyababuza gutaha no gusubira mu byabo mu mahoro no mu bwubahane. Ahubwo u Burundi bwagize amahirwe adasanlw kuko abo bantu bari kuzageraho bagashaka gutahuka ku ngufu nk'uko inyenzi - inkotanyi z'iwanu zabigenje maze hagacura imiborogo. Icyakora basabwe kudahubukira iryo tahuka kuko abo bahungaga bagifite imbu-bda n'amatasu bihariye bonyine.

Kandi rero niba aho bari bamerewe neza, nta nyungu baba bafite yo kuza kubura akazi n'aho batura no kurya ubusa hano i Burundi.

Nde : Ijambo rya nyuma nyakubahwa Perezida wa Republik !

Nda : Ndashimira ikinyamakuru cyanyu KANGURA n'umuyobozzi wacyo NGEZE Hassani kuko cyagize uruhare rutihishira mu gutembagaza ingoma y'akoko gakoresha igitugu, ikinyoma n'ubwicanyi hano i Burundi. KANGURA yadufashije rwose kurwana intambara ya demokarasi none turi hafi gutsinda burundi.

Kangura yashituye rubanda yose y'abarundi ku buryo aricyo kinyamakuru gisomwa kurusha n'ibyandikirwa i Bujumbura.

Nyifurije ishya n'ibirwe n'akazi keza.

NDEKEZI Bonaparte.

**MWITONDERE IBIGAMBO BIRIMO BIKWIZWA N'IBYITSO BIRI MURI M.R.N.D. NGO KANGURA YAGUZWE N'INKOTANYI MU BYAMAGANIRE KURE.
MUBIBAZE IBIMENYETSO.**

UBUBILIGI MU MAREMBERA...

abantu banyarukiye mu Burayi cyangwa se babayeyo igithe kirekire, bemeza ko mu banyaburayi bose ababiligi bakiri inyuma muri byose. Yego iyo ugereranije n'ibindibihugu byo mu yindi migabane y'isi, cyane cyane iby'Afurika ikenye, usanga ububiligi bwitwa ko bwateye imbere mu majyambere. Ni mu majyambere y'inganda gusa nayo bukesha zahabu na diama n'andi mabuye y'agaciro bwasahuye Zayire, tutibagiwe n'uduke u Rwanda n'u Burundi byari bifite. Dore ko ababiligi aribo bakolonije aka karere dutuyemo (Kongo mbirigi na Ruanda-Urundi).

Ababiligi mu bitekerezo baracyari inyuma. Babagereranya n'abatwa. Ibibazo byinshi Afurika yo hagati bwahoze bukoloniza cyane cyane u Rwanda n'u Burundi bituruka ku Babiligi. Twavuga nk'intambara z'amoko, ruswa, gusahura umutungo w'igihugu, gusondeka imishinga, gukoresha ikimenyimenyi n'ibindi...

Ababiligi ni bagashakabuhake koko ! Imyaka 48 bamaze mu Rwanda no mu Burundi, n'indi irenga bamaze basahura Zayire, yatubereye imfabusa ari ku banyarwanda, ku barundi no ku bazayiruwa. Muri iyo myaka yose, ababiligi ntacyo bakoze kigaragara uretse gusahura ibyo bihugu no kwiriza rubanda ku kiboko n'ishiku. Iyo urebye ibindi bihugu by'Afurika amajyambere ahari, usanga ari ayo abazungu bahasigiye, nabo bakiyongereraho akabo. Twavuga imihanga myiza, amivuriro, imigi yubatse neza, amashuri, za Kaminuza, gutoza abantu demokarasi...

Hari abanyarwanda njya numva bivugira ko byari kuba byiza iyo abadagi bigumira ino aha. Nyamara ni byo. Abadagi ni abakozi, kandi imishinga badufashamo irabigaraga za kuko iri mu mishinga igenda neza mu Rwanda. Ntumbaze iy'ababiligi ! Abadagi ni abantu bahora bifusa ku uwo bari kumwe ahora atera imbere kandi nta nyungu bamu baza. Si amakabyankuru.

Intambara ya mbere y'isi itaratangira, abadagi nibo bari bashin-

nzwe aka karere. U Rwanda rwari kimwe n'u Burundi mu ntara ngari y'Abadagi y'Afurika y'i burasirazu ba, intara yari irimo na Tanganyika, ariyo Tanzaniya y'ubu. Abadagi bari bafite umushinga wo kubaka umuhanda wa gari ya moshi. Uwo muhanda bari babatije «Umuhanda Cap-Le Caire» wari guturuka muri Afurika y'epfo (mu mugi wa Cap) ukagera mu Misiri (i Kayiro).

Uwo muhanda wari kunyura no mu Rwanda mu gace ka Gisaka ubu kagizwe na Perefegitura ya Kibungo n'agace kamwe ka Byumba. Ababiligi bageze ino sibwo bawuburijemo. None u Rwanda n'u Burundi bukaba bubarirwa mu bihugu bike bisigaye ku isi bitagira gari ya moshi. Tugomba kuba ari twe twenyine tutayifite ku i, byose bitewe n'ababiligi. Ababiligi ni abantu bakunda inyungu zabo gusa. Mu Rwanda no mu Burundi kubona nta kintu cy'amajyambere bahasize ni uko nta nyungu bari bahafite. Ighugu twavuga ko bapfuye kwitaho ni Zayire ariko nayo si urundi rukundo. Icyo gihugu nicyo cyatumye ububiligi bwegura umutwe kubera ubukungu (amabuye y'agaciro cyane cyane), bwashoboye gusahura na n'ubu bugisahura.

Ababiligi ni abantu bitwara nka gashaka buhake bo muri Afurika y'epfo. Ababiligi ni ba bantu bazi ko umwirabura ari nk'inguge ariko cyane cyane umuhutu. Ngo ntacyo ashobora kumenya. Amagambo batukaga abahutu na n'ubu ba kibatuka arabyerekana bihagine. Twavuga nka «homme singe» (umusenzi),


«sale gamin» (isarigoma), «sale nègre» n'andi ateye isoni...

Biratangaje kubona igithe Zayire ibona ubwigenge mu w'1960, nta bantu bize Kaminuza barenze 30 yari ifite ? U Rwanda n'u Burundi twe kwirirwa tubivuga kuko nta kaminuza byagiraga. Kandi ababiligi babikoraga ku bushake ngo tuzahore tubakenera.

Ababiligi bakomeje kutubanira nabi. Twabonye ububi bwabo cyane cyane umunsi inyenzi, bene wabo, zigabye igitero tariki ya mbere Ukwakira 1990 bakatwima amasasu twari twarishye. Na nyuma y'aho bakomeje kutwerekko ko bifataniye n'umwanzi. Ku buryo ibibi byose bivuzwe ku Rwanda niyo byaba ari ibinyoma byakirwa nk'«ivanjiri ntatagif», iyo mu Babiligi. Abategetsi bose b'icyo gihugu gikomeje gutsimbarambaramba ku bwami, ni ibyitso by'inkotanyi. Nibo bahora biyenza ku Rwanda ngo bagiye kugabanya imfashanyo bageneraga u Rwanda. U Rwanda nirwo rutubahiriza ikiremwamuntu, nirwo ruvangura amo-ko, uturere, amadini, n'ibindi bicumuro nk'ibya Shitani. Nyamara ababa bari inyuma y'ibyo byose, turabizi. Ni abazungu batunze ibizungerezi by'abatutsikazi.

Bavuga ko umuntu ahitamo inshuti adahitamo abaturanyi. Ababiligi ntiduhana imbibibi, ubucuti bwabo nabwo twarabubonye. Nibazinge reru uturago hakiri kare, bajyane n'insshoreke z'abatutsi. Tuzirwana-ho...

KANGURA.



Ibaruwa NGEZE Hassan yandikiye Cdt BIZIMANA.

NGEZE Hassan
Directeur du Journal KANGURA
C/O Gisenyi Information
B.P. 1312 Kigali
Kigali, le 10/06/1993

Bwana BIZIMANA André,
Commandant wa Groupement
Gisenyi,
Impamvu : Gusaba kwitoza amatwara ya demokarasi

Bwana Commandant,
Ubwanditsi bwa Kangura, buragira ngo bubagezeho uko bubona ibantu bikorerwa ku Gisenyi, umugiyuvukamo abanyamakuru ba Kangura, akaba ari naho bakorera (Gisenyi-Info). Muzi ko mukimara kugera ku Gisenyi, hari igihe cy'ubutegetsi bw'ishyaka rimwe. Mwicaga uko mushatse, mukemeza abantu ibyaha mukoresheje impiri n'ibindi byose bijyana n'iterabwoba. Muribuka ko mwoherejwe ku Gisenyi babahunza imiryango y'abanya Kigali yari igiye kugutsinda muri Kigali ibaziza ko mwabiciye abantu, Abandi mukabamugaza ubwo mwakoraga muri Fichier Central,

Ubwo bwicanyi ntimwigeze na rimwe mu bureka. N'ubwo mutikoreye, mubukorerwa n'abantu mwatumye. Urugero ni abantu bapfuye mu ibanga batagira ingano bazize mwebwe. Nk'umuzayirurwa Kavutenga na n'ubu dosiye ye igikururana mu nkiko z'u Rwanda kandi koko yarabuze mu buryo budafutse. Mwibuka ko umunsi Gisenyi isahurwa mwabigizemo uruhari rukomeye ari naho mwavanye iryanzu iri ku musozi wa Rubavu. Ibyo byose, twarabibonaga usibye ko twicecekeraga. Mwibuka ko mu kigera ku Gisenyi, mwarushijeho gukoresha iterabwoba. Maze mwambura ababyeyi bacu uburenganzira bwo guceruza ibishyimbo byavaga kuri Goma. Maze ubwo bucruzi murabwhiarira biratinda, Abaturage babatangiye amaraporo ku nzego zibashinzwe, maze mukazihuma amaso mukoresheje amayeri yanyu. Bityo barabareka mukora ibyo mwishakiye byose. Mwibuka ukuntu abategarugori bose, abana, ababyeyi n'abakecuru bikozze bagakora imyigaragambyo yo ku-

bamagana. Babanengaga ubwo busahiranda bwanyu. Muribuka ko nanyije ubwanjiye nahageze mu rwego rw'itangaza makuru gukurikiranira hafi ibyo bintu.

MWABIGENJE MUTE RERO.

Mumaze kubona ko ibikorwa byanyu byose twabitahuye, mwihutiyie kudukomatanyiriza maze mukwiza ibihuha mu nzego zo hejuru. Kubera ubwenge bucye mukemeza ko mufite ibimenyetso bigaragara ko Kangura ikorana n'inyenzi. Izo telegaramu zose mwamaraga kuzohereza tugahita tuzibona kubera ko mwazikoranaga n'ibyitso byacu bibaba iruhande. Twabamenyesha ko telegaramu zose mwohereje ubu tuzifite uko zakabaye. Zose hamwe ni 23 hakubiyemo n'andi ma rapor yamahimbano. Ese mwaba mwibuka telegaramu ya nyuma mwasabaga ko tubuzwa kwinjira mu bigo byose bya gisirikari ? Ese mwabisabye muzi ko ubusanzwe tubyemere-we ?



Ese aho mwaba mwibuka inama iherutse guteranira aho mu kigo iyobowe na Bahufite, mugatangaza ko Ngeze Hassan afite umutwe ugura intwarz zo kurwanya inyenzi umunsi zatashye. Bahufite yabasabye ibimenyetso murabibura ahubwo ababuza gukomeza kugendera ku bigambo gusa. Ko icyangombwa ari ibimenyetso bifatika. Ibyo tubireke tubibarize. Aho mwaba muzi ko umugore wanyu anketi zigenda zigaragaza ko ashobora kuba ari umwe mu batega biriya bisa-su ? Ese aho murabizi ? Ese mwaba mwatarumvise ibyo Minisitiri w'ingabo yabivuzezo ? Ese noneho ko

mudaheruka kwohereza izindi telegramu ra ! Ni uko mwasanze babilita indondogozi. Ese mwibuka telegaramu mwakoze ubwo mwambuzaga kujya kureba amarorerwa mukora mugurisha amatafari. Ese mwahisemo kwibera abatekamutwe ko ari wo ubakwiye. Ngaho muri mu bishyimbo, muri mu matafari, muri kwambutsa amamodoka... Ese ya kamyo yanyu ifite plaques zo muri Zayire isorerwa na nde ra ? Yewe ibibavugwaho nta wabona aho abyandika. Gusa kubasaba ibi bikurikira.

- Kutazongera gukora telegaramu z'impimbano mudafitiye ibimenyetso kuko inzego zibashinzwe zabatahuye kandi zikabimene-sha.
- Kudahutaza abazakora imyigaragambyo yo kubamagana bagaragaza icyo babatekerezaho dore ko mumaze gutera iseseme ku Gisenyi.
- Kwegera abanyamakuru ba Kangura mukabasobanurira ibyo byose bibavugwaho maze natwe tukabigeza ku banyarwanda.
- Guhagarika iterabwoba ryanyu mu batuye ku Gisenyi bose byaba ngombwa mugasaba imbabazi mu bo mwakoreye ayo marore-rwa.
- Guha indishyi z'akababaro umuryango wa Sekidende mwivuganye kuri wa munsi wisahura.
- Gusubiza ibantu byose mwashuye cyangwa mwabonye ku buryo bwa ruswa.
- Ku byerekerye n'itangazamakuru, twabibutsa ibi bikurikira;
- Gusubiza ibyabavuzweho
- Kurega iyo mubabaye
- Gucecka iyo mudashaka gutamazwa
- Gushinga ikinyamakuru cyanyu kizajya kibavugira (gihishira amarorerwa yanyu)
- Kurekera by'umwihariko Ngeze Hassan n'umuryango we amahoro kuko akazi k'abahutu washinzwe tutigeze tugatzukaho.

NGEZE Hassan.

GISENYI: Nyuma y'imyigaragambyo y'abagore harakorwa indi y'injyanamuntu.

Abaturage basahuwe mu karere ka Gisenyi

Gisenyi, le 10/6/1993

Impamvu: Gusaba uburenganira bwo kugara-gaza akababaro kacu,

Bwana Perefe,

Twebwe abaturage batuye ku Gisenyi, tubandikiye tubasaba uburenganzira bwo gukora imyigaragambyo y'amahoro. Iyo myigaragambyo tukaba twifusa kuyikora ku cyumweru tariki ya 27/6/1993.

Impamvu zitumye twifusa iyo myigaragambyo ziragaragara usibye ko dusarze tugomba kwongera kuzisubiramo.

Izo mpamvu ni izi:

Muribuka ko umwaka ushize habaye ubusahuzi n'ubwicanyi. Inzego z'ubutegetsi zaje gusobanura abaturage ko abo basahuye ku Gisenyi baza bugashyikirizwa ubucamanza. Ku byerekeye abacuruzi basahuwe. Leta yari yemeye ko igomba kubafasha ibaha imfashanyo y'amabanki. Ibyo byose twasanze Leta ari kutubeshya kuko kuva twakwibwa nta kintu na kimwe cyigeze gikorwa. Tukaba dusanga ibyo bintu tutakomeza kubiceceka kandi dufite inzira zemewe na demokrasi tugomba kunyuramo.


Mu busahuzi bwabaye ku Gisenyi, hapfuyemo abantu batari bakes. Abanyeshuri, abaturage b'inzirakarenge baglye baterwa amagrenade. Kuri icyo kibazo Leta yari yemeye guhagarika ku kazi ababigizemo uruhari, cyane cyane aburi bashinzwe kubungabunga umutekano w'abaturage. Aha uwavugwaga cyane ni Komanda Bizimana André wayoboraga ikigo cy'abajandarume, maze akamenya ko isahura riraba, ntaburire abo ashinzwe kurinda. Ahubwo-ka uwa mbere mu gusahura no kwi-ca. Iblimenyeto bigaragara kuri we

byaratanzwe artko inzego zimushi-nzwe zaricecekeye.

Nk'urupfu rwa Sekidende wishwe na Bizimana amuziza ko yamume-nye. Nk'ibikoresho by'ubwubatsi byasahuwe mu maduka y'abacuruzi.

ngwa n'iterabwoba bazaba batangiwe iblumenyeto muri iyo myigaragambyo.

Leta nitwima uruhusa rwo gukora iyo myigaragambyo, tuzayikoresha ku yindi tariki, kandi tuyiko-



None ibyo byasahuwe akaba aribyo byujuje inzu ya Bizimana ku Gisenyi. Kuri icyo kibazo kandi halunzwe ingero zigarugura kandi zumvikana. Kuko ufashe umushahara wa Komanda Bizimuna ukawukuba n'imyaka amaze avutse, ntihavamo amataranga yakubaka iyo nzu.

Kuba abaturage batuye ku Gisenyi tumaze imyaka irenga itanu dutegekwa nk'inyamaswa, gukubitwa n'ibindi bijyane n'iterabwoba, tutibagiwe na za ruswa. Ibyo byose turifusa kuzagaragaza icyo tubitekereza ho muri iyo myigaragambyo.

Imyigaragambyo yacu Izahuza abana, abasore, abasaza, abakecuru mbese abantu basizwe iheruheru nabo twavuze haruguru.

Muri iyo myigaragambyo tuzasuba ibi bikurikira :

- kuriha abantu bose basahuwe
- Leta gutanga impozamarira ku miryango yiciwe abantu muri iyo sahura
- guha abacuruzi ibyo Leta yari yatabemereye. Kuburiha ibyo bibe, no kubaguriza mu mabanki nkuko Leta yari yatabemereye.
- guhitia bashyikiriza inkiko abobicanyi barimo Komanda Bizimana André
- kwimura abategetsi bose bara-

re ku ngufu z'abaturage. Leta ishobora kwiga ibi bibazo mu nama ya perelegitura ishinzwe umutekano. Bityo tukazakora iyo myigaragambyo y'ahamahoro nayo ibyiteguye. Byaba ngombwa, Perefe agakoresha inama y'abaturage yakwemera ko ibyo bibazo yabibonera umuti uko bingana kandi mu gihe cya vuba, tukaba tuyisubitse. Duhaye inzego zose z'ubutegetsi kopli kugira ngo ikurikiranire hafi ibyo bibazo.

Kubera ko Komanda Bizimana yashyizeho ineko ze ngo zimene abazitabira Iriya myigaragambyo dusanze tutashyira amazina twese kuri uru rwandiko. None duhisemo ko NGEZE Hassan ari we warusinya. Kandi ibisubizlo akaba ariwe bizaaho.

NGEZE Hassan

Bimenyeshejwe:

- Perezida wa Repubulika
- Minisitiri w'Intebé
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'i-gihugu
- Procureur wa Repubulika, Parquet ya Gisenyi
- Bourgmestre wa komini Rubavu
- Abazitabira imyigaragambyo bose.

GISENYI : IBISASU BYAFATA-NYWE BUCYANA NGO UMUGORE WA COMMANDANT BIZIMA-NA ABIFITEMO URUHARE.

Iminsi y'igisambo iragenda i-sanga umubare wayo. Ubwo KANGURA No 43 yari imaze gusohoka, twabagejejeho ukuntu umugore wa Bizimana avugwa cyane mu battega ibisasi ku Gisenyi, cyangwa mu babyinjiza mu gihugu. Igihe twarimo gutunganya anketi neza ngo tumenye ukuri kubimuvugwaho, dore ko Gisenyi yose yamuciyé mu mugi, tubonye amakuru no-neho amuhanya icyaha.

Ayo makuru niyo atumye tumenya impamvu nta duka ashobora gukandagiramo ku Gisenyi, cyangwa ngo agire urugo yakwakirwamo, uretse ku batutsi bene wabo gusa. Umunyamakuru wacu yaje kuvugana n'umugore wa Commandant Bizimana kuri telefoni, amubaza icyo abitekerezaho. Aho gusubiza ku byari byanditswe, we asubiza ko abanya Gisenyi bamwanga.

Ari nabwo bamugeretseho biriya bisasu byafatiwe kwa Bucyana. Umunyamakuru wacu yahise yimirwa. Dore ko nawe yari ataramenya ko hari ibindi bisasu byafatiwe ku Gisenyi.

Ubwo yahise amubaza aho ibyo bisasu biherereye, umugore wa Commandant Bizimana amusubiza aho ibyo bisasu biherereye, umugore wa Commandant Bizimana amusubiza arira avuga ko ibyo bisasu byabazwa urnugabo Bucyana ngo kuko ari nawe abapolisi bagiye gusaka. Ubwo ahita akubita telefoni hasi. Nibwo umunyamakuru wacu agiye mu ibereshi abonana n'umupolisi wari uvuye ku Kibuye aje akurikiye iryo shyano. Umupolisi avuga ko bamubwiye ko ibyo bisasu byaje kwa Bucyana maze nave akabijyana muri Zayire, abifashijwemo n'umugore wa Korna-

nda Bizimana.

Nguko uko inkuru iteye kugeza magingo aya. Turacyakora ipere-reza ku buryo bunononsoye. Ubwo bizahama tuzamutangaza. N'uzaba umwere nave tuzamuhanguraho ubwo busembwa. Gusa icyo umuntu yakwibaza ni iki : Ibikarito byuzuye za mine, uwo mututsi yabivanaga he ? Yari abijyanye he ? Umugore wa komanda Bizimana abyambutsa muri Zayire abijyana kwa nde ? Yego umugabo we arazi ko ku ifaranga yakwernerera n'umugi ukarimbuka. Arikose tuzihangana tugeze ryari ? Inzego zose z'umutekano nazo zarahagurutse ngo zirebe icyo ibyo bintu bilihate. Ntibizabe bya bindi Minisitiri w'ingabo yategetse komanda Bizimana ko arekura abafashwe. Birabe ibyu-ya ntibibe amaraso !

FPR : UBUTEGETSI MBERE YA BYOSE

Intiti zigize rya huriro riharanira amahoro na Demokarasi (Forum Paix et Démocratie) zikomeje kwandikira KANGURA. Abo banyabwenge baratanga ibitekerezo byabo ari nawo musanzu baha igihugu cyacu kugirango cyivane mu bibazo bikizihiye. Muri KANGURA N° 42 twabagejejeho inyandiko ya Nyakwigendera Gapyisi Emmanuel (Imana imuhe iruhuko ridashira) aho yagiraga ati : «Hapfa uwavutse». Iyo ntware yamaganaga ubutegetsi bw'igitugu ubwo ari bwo bwose, aho bwaturaka hose. Bwaba ubwa Habyarimana cyangwa se ubwa FPR-Inkotanyi. Inyenzi zahise zimvugana kubera koyaburiraga abanyarwanda ibyago bibategereje. Muri Kangura n° 43 tubagezaho inyandiko two-hererejwe na Mbonampeka Stanislas adutungira agatoki atwerekwa ububi bw'umwanzi w'abanyarwanda ari we FPR. Inyenzi nizo zikomeje kudindiza demokarasi abanyarwanda baharaniye, zibashora mu ntambara igiye kubarimbura. Intambara ntijyana na demokarasi kandi ntawe usimbuza igitugu ikindi gitugu.

Muri iyi numero ya 44, turabageza-

ho inyandiko twohererejwe n'indi ntiti yo muri iryo huriro. Iyo nyandiko ni iya Dr Karinganire Joseph ufite impamya-bushobozi y'ikirenga (Doctorat) muri «Philosophie», akaba umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda. Uwo munyabwenge arereka abanyarwanda icyo inyenzi zigamije mu byukuri. Zirashaka ubutegetsi, ibindi ni amagambo. Mwisomere na mwe.

KANGURA FPR IKOMEJE KUYOBYA UBU-RARI

Kuva abanyarwanda basezerera ingoma ya cyami, hagashingwa Repubulika, abatutsi ntiibigeze bemera icyo cyemezo cya rubanda kidakuka. Bage-rageje buri gihe kongera kwisubiza ubutegetsi bwabaciye mu myanya y'intoki. Ari nacyo gisobanura ibitero abatutsi bagabye mu Rwanda kuva Repubulika igishingwa kugeza magingo aya. Naho ureke ibyo abo batutsi bagiye babesha ngo bararwanira uburenganzira bwabo bwo kugaruka mu gihugu cyabibarutse. Ni ryari abategetsi ba Repubulika bigeze bangako impunzi z'abatutsi zatahuka dore ko nabo ar abana b'u Rwanda ?

Repubulika y'u Rwanda igishingwa muri za 60, Guverinoma y'u Rwanda dantiyigeze yirengagiza ikibazo cy'im-punzi z'abatutsi. Umugabo twatanga ni ijambo Nyakwigendera Gerigori Kayibanda yavuze tariki ya 16 Werurwe 1962. Icyo gihe umukuru w'igliugu yamenyesheje u Rwanda n'amahangako Guverinoma y'u Rwanda yari yemereye Kigeri wa V Ndahindurwa, kimwe n'abandi batutsi bahunganye, gutahuka bagafatanya n'abandi banyarwanda kuzamura igihugu.

Icyo Guverinoma y'u Rwanda yasabaga abo batutsi ni ukuvugisha ukuri, bakubaka Repubulika yari yashyizweho na rubanda nyamwinshi, bikerakana ko bafite ubushake bwo kubaka u Rwanda rwigenda muri demokarasi.

Nyamara abo batutsi bakomeje kuvunira ibiti mu matwi. Ahubwo bahisemo kugaba ibitero hirya no hino ku mipaka y'ighugu bagamije gusibanganaya ibiza bya revolisiyo ya rubanda yo muri 1959.

Nibwo abatutsi biyise inyenzi bagabye igitero mu Bugesera tariki ya 20 Uku-boza 1963, bagaba ikindi gitero ku Gi-

senyi no mu Ruhengeri tariki ya 4 Nyakanga 1962 n'ikindi gitero mu burasirazuba no mu majyaruguru y'u Rwanda tariki ya 17 Nyakanga 1962.

Ibyo bitero ntibyaciye intege abategetsu ba Repubulika. Ni muri urwo rwego Perezida wa Repubulika Gengori Kayibanda yongeye gusaba bundi bushya impunzi z'abatutsigushyira mu gaciro bagafasha hasi intwarz. Yongera gusaba izo mpunzi gutahuka mu mahoro tariki ya II Werurwe 1964. Kwinginga abatutsi gutahuka, byabaye nko guta inyuma ya Huye. Kuko bo bakomeje ibitero byabo kugeza mu mwaka w'1967.

Na Repubulika ya kabiri nayo yakoze uko ishoboye ngo impunzi z'abatutsi zigaruke mu gihugu. Habyarimana amaze umwaka umwe ku butegetsi (1974) hashyizweho komisiyo yari ihuriwehon'u Rwanda na Uganda yari ishinzwe kureba ukuntu impunzi z'abanyarwanda zatahuka. Iyo komisiyo yari gutterana kuva tariki ya 21 kugeza 28 Nyakanga 1974 i Kampala ariko ntibyahoboka kubera umutekano muke warangwaga muri icyo ghugu. Ntibyahereye aho kuko muri Gashyantare 1988 hashyizweho komite yo mu rwego rwa minisiteri u Rwanda ruhuriye na Uganda yari ishinzwe kubonera umuti icyo kibazo. N'igihe inyenzi zitera tariki ya I Ukwakira 1990 hariho komisiyo yari ishinzwe gusuzuma icyo kibazo, inyenzi zitera iri hafi kugikemura burundi. Biragaragara ko ikibazo cy'impunzi z'abanyarwanda ubutegetsi bwo mu Rwanda butigeze bukirengagiza. Ikitumvikana ni ukuntu FPR yarenze kuri ibyo byose ikagaba igitero, igashoza intambara mu Rwanda. Igisubizo umuntu yabona ni kimwe gusa. Abatutsi bibumbiye muri FPR batsimbaraye ku mugambi wabo wo kwisubiza ku ngufu ubutegetsi bambuwe na revolisiyo ya rubanda.

FPR IBESHYA KO IHARANIRA DEMOKARASI....

Inyenzi zagabye igitero mu Rwanda tariki ya 1/10/1990 zibeshya ko ziharanira demokarasi. Nyamara urwo rwari urwitzwazo. Kuko demokarasi bivuga ubutegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage, bukorera abaturage. None se ubwo butegetsi buhuriye he n'ubutegetsi bw'imbunda, ubwicanyi bugamije kurimbura abo baturage no kubavana mu byabo?

FPR cyokora yashoboye kwifatira amahanga yemera icyo kinyoma ari nako ikomeje gusebya Guverinoma y'u Rwanda. Kuri iyo ngingo ya nyuma

FPR yitwaje yá ngirwa raporo bagashaka buhake b'ababiligi bamerutse gukora ku Rwanda, igeru aho yumvisha amahanga cyane cyane ibihugu biduteru inkunga kuyihagarika. Ibyo ibihugu nabyo bigwa gutyo mu mutego w'umwanzi. Doreko byiteguyegufunga imfashanyo byageneraga u Rwanda kubera amakosa y'ubutegetsi bwa Habyarimana FPR iheraho ikifatira amahanga. Umuturage hari uruhare abifite mo?

FPR IRASHAKA UBUTEGETSI BYANZE BIKUNZE

Amateka y'u Rwanda atubwira ko mu mwaka w'1959 ari bwo habaye revolisiyo ya rubanda. Iyo revolisiyo yasezereye ingoma ya cyami na gihake yari imaze imyaka irenga 400. Abatutsi rero ntibigeze bemera ibyabaye, baka ba hadakozwe ihinduka ry'ibantu, cyangwa se gusangira ubutegetsi. Nicyo cyatumye bafata iy'ubuhungiro, bidatinze bafata intwarz bashakakwi-subiza ubutegetsi bwabacitse bakibukeneye. Mu mwaka umwe gusa (1961—1962), abo batutsi bari bama ze kugaba ibitero 36 byose.

Ayo mateka niyo aduha isura nyayo ya FPR.

Burya inyenzi zirimo iibice bitatu:

Igice cya mbere kigizwe n'abatutsi bahisemo guhunga igihugu cyabo n'ubwo bwose hari bene wabo bagumye mu Rwanda, bakabana n'abandi banyarwanda muri repubulika na demokarasi. Inyenzi ziri muri icyo gice ni ba batutsi bahisemo guhunga, batazi ze ubututsi bwabo. Ahubwo ari uko banze kugaruka mu gihugu ku bushake ngo bavugishe ukuri, bayoboke repubulika. Ahubwo bo bahisemo kuza za gufata ubutegetsi ku ngufu bakoresheje intwarz.

Igice cya kabiri cy'inyenzi kigizwe n'abantu bashaka kwikubira ubutegetsi bonyine ari nako bafite inyota yabwo. Ni ba ntamunoza bakaba n'in-

dashima. Muri icyo gice niho usanga abahutu. Ingero ni nyinshi Koloneri Alegesi Kanyarengwe, umukuru w'inyenzi, mbere y'uko ahunga yari minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu, akaba ari nawe wari ukurikiye General Habyarimana mu magarade ya gisirikari. Kanyarengwe niwe wenyine wasobanurira abanyarwanda n'amahanga icyatumye ahunga.


Muri icyi gihe cy'aba nta munoza niho dusanga Major Lizinde Tewonesiti. Uwo mugabo yari ashinzwe ibiro biku ru byiperereza. Yaciriwe inshuro ebyiri urwo gupfa kubera umugambi we wo guhirika Habyarimana no kwica abanyapolitiki ba Repubulika ya mbere.

Igice cya gatatu cy'inyenzi kirimo abantu Habyarimana yari yararyoheje abegurira umutungo w'igihugu. Nta wamenya rero ukuntu baje kumuvalo. Harimo abacuruzi nka Valensi Kajeguhakwa, Silasi Majyambere, Rwigara Asinapol n'abandi bari barashoboye gucengera mu butegetsi bwa Habyarimana. Tutibagiwe na mwene wabo Pasteur Bizimungu, Habyarimana yari yareguriye Electrogaz, kimwe mu bigo bya Leta bikomeye.

Mu gihe Guverinoma y'u Rwanda ikibeshya ko imishyikirano ishoboror kugarura amahoro, FPR yo sibyo irimo. N'ubwo bwose hari amasezerano yo guhagarika imirwano, FPR yo iracyayikomeza. Iragenda ifata igihugu buhoro buhoro kuko yo izi neza ko amasezerano atari ubwumvikane bwa burundi. Kandi ni byo. None se Museveni ntiyafashe Kampala hashize iminsi mike ashyize umukono ku masezerano y'amahoro? Azapfa aburekuye??

KARINGANIRE Joseph
Dren Philosophie

Professeur de Logique
et d'Ethique à l'Université Nationale du Rwanda



BURUNDI: NDADAYE atitonze yagwa muri système ya UPRONA. bigatuma PALIPEHUTU ikemura ibibazo ikoresheje intwarz.

Ngo ibijya gupfa bipfa mu itangi-
ra. Umushingantahe NDADAYE Mel-
chior amaze gutorerwa kuyobora u
Burundi, abanyamakuru baramubajije
bati mbese uratekereza iki ku ishyaka
PALIPEHUTU? Asubizako Palipehutu
igomba kuza gukora nk'andi mashya-
ka. Bamubajije ku kibazo cy'ingabo za
Palipehutu. Melchior Ndadaye asubi-
za avuga ko izo ngabo atazizi. Ko n'iki-
bazo cyazo u Burundi butakizi.

Dore intambara ngo irarota.

Muri Kangura n° 42 twabagejeje-
ho ukuntu Buyoya ategura imvururu
amaze gutsindwa. Impamvu tubivuga
ni uko twabibonaga dukoresheje ise-
sengura rya politiki. Buyoya yaje gu-
sanga ashoe imvururu ari we wazi-
gwamo mbere. Noneho ahenda ub-
wenge uwamusimbuye amwumvi-
sha ko ingabo za Palipehutu agomha
kuzima amatwi, zigafatwa nk'aho zita-
baho. Ngaho namwe mwibaza aho
abo Bahutu b'i Burundi bavuye, aho
barin'aho berekeza mu gihe ingabo z'u
Burundi zigizwe n'abatutsi b'i bwami
mu rugero rwa 99 ku ijana. Ngo ibya-
baye ku muturanyi bitanga isomo.
Abatutsi bo mu Rwanda, mu maseze-
rano bagiranye na Guverinoma Arusha
basabye ko mw'igabana ry'ingabo,
Guverinoma y'u Rwanda yatwara 60
ku ijana, naho abatutsi bibumbiye muri
FPR, bakabona 40 ku ijana. Ibyo abatut-
si ngo babisabaga bagira ngo babo-
reke.

Mu nzego zose, abatutsi barasha-
ka gucengera kugira ngo bagere kuri
yo ntego ni ngombwa ko baba benshi
mu ngabo. Kuko burya ukurusha ingu-
fu, aba akurusha n'ubutegetsi. Amasa-
su yaravuze abatutsi ubutegetsi buba-
saba gushyira intwarz hasi ngo no-
neho hakorwe imishyikirano. Kubera
ko Leta (umubyeyi wa twese) itago-
mbaga kwemera ko umwana w'ikivu-
me, akomeza kwica bagenzi be yitwaje
ko ashyigikiwe n'abatutsi bo muri
Uganda, Zayire, na Burundi. Leta yaje
gukora uko ishoboye yemerera guha
zo nyenzi ibyo zishaka. Nta kindi Leta
yarwanagaho usibye kubuza amaraso
yinzirakarengane kumenekera ubusa.
byo byose Ndadaye Melchior nawe
yarabibonaga kandi abizi. Kuko ikiba-
zo cy'abahutu n'abatutsi ntawe ukim-
rusha kubera ko yabaye impunzi.
N'umuryango we abatutsi bakawu-
sema. Twese twibuka atangariza
amahanga ko azafasha ubutegetsi
ew'u Rwanda mu gukemura ibibazo

igihugu cyacu gifite, we yemezaga ko
azi neza.

Mu kwiyamamaza kwa Melchior
Ndadaye yavugaga ko azihutira gu-
hindura ibyo Buyoya n'abatutsi be
batsimbarayeho imyaka n'imyaka. Aha
umuntu yahitagayumva ko ikibazo cya
mberere cyihutirwa ari ugukora umutwe
umwe w'ingabo z'igihugu ugizwe
n'umutwe umwe uhuriweho n'ubwo-
ko bwose. Ibyo kandi bigakorwa bi-
vuye ku bushake bw'abazijyamo. Dore
ko kw'isi hose mu gisirikari hajyamo
ababyifusa kandi babishoboye. Ibyo
bigakorwa nta gahato. Ibyo abahutu
baje gusanga ari politiki nziza. Nibwo
bahutu bose bacengejwemo ko u-
bwo ubutegetsi bwa gitutsi bwanze ko
ishyaka Palipehutu rikorera ku mug-
ragaro, ko abayoboke b'amashyaka
yose, abonekamo abahutu baha ama-

imibiru gusa yabaga ije kumwerekwa ko
ingoma ya gitutsi abahutu bayiseze-
reye ari benshi. Abahutu bari bazi neza
ubwicanyi Buyoya na Uprona baba-
koreye bazaga ari benshi muri mitingi
ze bakamuhema aho kumusekera. Ba-
kamuvuma ku mutima aho kumusingi-
za. Kugeza ubwo Buyoya atunguwe
n'ibyo amatora nyakuri yerekanye.

Melchior Ndadaye amaze guto-
rwa, ikibazo cyahise kiza mu mitwe
y'abantu ni ikibazo cy'ingabo. Tubona
ko noneho ibyabaye mu Rwanda biku-
biye mu masezerano y'Arusha ari na-
byo bizaba i Burundi. Gusa icyo twa-
bonaga ko u Burundi buzaturusha ni
uko u Burundi bwo bwashoboraga
gukemura ibibazo nta maraso amene-
tse. Tugitangira twavuze ko FPR ya-
sanze iramatse yinjiye nk'uko umutu-
rage uwo ari wese yatahuka, yakwi

"NTITUZIZANGARIRA KO IGISIRIKARE CY'U BURUNDI
KIGUMA ARU IGISIRIKARI C'ABATUTSI....PEREZIDA NDADAYE
NIYAGE IKIRENGE MU KIRENGE CA UPRONA
NTA KIZOTUBUZA KUMMINANYA"



jwi FRODEBU. Ku mukandida uwo ari
we wese yagombaga gutanga, akaba
ariwe ukemura ibibazo abarundibafite.
Nibwo bakubitanye n'uko FRODEBU
yatanzé umukandida ugaragara mu
mubiri ko ashoboye. Kandi akagaraga-
za ko ibyo avuga yiayamaza azabi-
shyira mu bikorwa. Ubwo abahutu
benshi bitabiriye gutora FRODEBU.
Bahimba amayeri yo kujya bajya muri
za mitingi ziyyobowe na Buyoya, ba-
kamwerekwa ko bari inyuma ye.

Buyoya agataha i Bujumbura yi-
zeze ko abo yabonye amajwi azatorwa
byanze bikunze. Nyamara yabonaga

nijiza mu ngabo ari uko hakozwe iba-
rura. Buri bwoko bugahabwa aba ofi-
siye bangana n'umubare w'abagize
ubwo bwoko. Icyo gihe aba ofisiye
b'abahutu baba benshi kurusha
ab'abatutsi. Ni nayo mpamvu FPR iko-
meje gutsimbarara ku cyifuzo cy'uko
baringaniza. Guverinoma y'u Rwanda
igatanga 50 ku ijana, FPR nayo 50.

Hashobora kumeneka amaraso.

Melchior Ndadaye ashobora ku-
ryoyerwa n'uriya mwanya w'umukuru
w'igihugu, maze agatinya gukora ku
buyobozi bw'ingabo. Maze bigtuma
havuka imvururu zikuruwe na Palipe-

hutu igitsimbaraye ku ntegano yayo yo
kwinjiza abahutu mu gisirikare. Icyo
gihe amaraso yameneka ari menshi bi-
gaha urwitwazo abasirikari b'abatutsi
guhirika ubutegetsi bwa Ndadye bi-
twaje ko bwananiwe. Ubwo Buyoya
cyangwa se undi musirikari w'umutu-
tsi batekereza kimwe akaba asubiyeku
ngoma. Noneho ya ngoma y'igitugu
Kangura yahiritse ikaba iragarutse.
Ibyo kandi birashoboka kubera ko iyo
ufite amafaranga n'imbunda byose bi-
ba bishoboka. Hari ibihugu byinshi
byahita bishygikira iyo ngoma y'ubu-
retwa. Nka Uganda ntihadangwa,
tutibagiwe n'imisanzu y'abatutsi bo
harya no hinokuisi baba bifuzagusubi-
ra ku cyansi.

Inama twagira Ndadye.

Ndadaye yagombye kumara kura-hira maze agahita yimika Minisitiri w'Intebe w'Umututsi. Mbere yo kumushyiraho bakabanza bakumvikanako umurimo wa mbere wibanje ari ukuvugurura ubutegetsi bw'ingabo. Kubera ko abarundi hose bangene i-imbere y'amategeko. Ubwo bakesegera ubuyobozi hwa Palipehutu maze be-kemera ko ikorera noneho ku mugara gero, nk'uko CDR ikorera mu Rwanda cyangwaseuko ANC ikorera muri Alurikay'epfo. Maze ingabo za Palipehutu zihoneka hirya no hino ku isi zigahu-zwa n'iz'abatutsi zisanzweho maze ha gakorwa umutwe umwe ugize intwararamuheto z'u Burundi. Bitabaye bityo Ndadaye akabeshywa ko ku kibazo cy'ingabo kizigwa buhoro buhoro, ko ingabo z'abahutu zizinjizwa buhoro

buhoro, byazatumma amaraso y'inzirakarengane amenekera ubusa.

Palipehutu irabitekereza ho iki?

Twaganiriye n'abayobozi ba Palipehutu batubwira ko batoye FRODEBU mu rwego rwo guhirika Uprona yaranzwe ho kumena amaraso gusa. Ngo icyo basaba Ndadaye ni uko we na Minisitiri w'intebé wiwe. Bashaka ukuntu ingabo za Palipehutu zize ku buryo buhagije zahuzwa n'iz'abatutsi maze zigakora intwaramuheto z'u Burundi. Ibyo byarangira hakabona gukorwa irindi vugururwa ry'ubutegetsi. Ibyo nibidashoboka ngo bishobora kumera nko mu Rwanda. Amaraso yashaka akameneka ariko abasigaye bakabaho nabi. Icyo gihe Ndadaye nakomeza kwirengagiza ko ingabo za Palipehutu zihari kandi ziri masi, ngo zizatera. Kandi zitere ziturutse mi gihugu hose kuko ntaho zitaba ziri nyumayo gutahuka kw'impunzi. Ngo zizerekana ubutwari hwazo maze zirimbere aban baratumye zihunga. Ubwo noneho amahanga asabe ko n'i Burundi habaho Arusha. Nguko uko Ndadaye arebye nabi ibyo yita ubutegetsi byabyara uburetwa.

U Rwanda rubibona gute?

Ikitabazo cy'u Burundi cyari kiba-
ngamiye u Rwanda ku buryo bugara-
gara. Ibyo byagaregaye nyuma y'aho
ikinani cyohereje telegramu y'ishimwe
Ndadaye. Iyo telegramu yababaje eba-
tutsi boso dore ko yakozwe nyuma
y'amasaha make ibarura ry'amajwi ya
Ndadaye rigaragija ko eni hutsinde
Byatutumye abantu bibuka ukuntu iki-

nani cyabeshyaga Buyoya buri gihe ko
ari inshuti. Uretseko iyo ubuvandimwe
buje, ubucuti burasimangatana. Ibyo
byaje no kugaragara muri telegramu ze
Nsengiyaremye, Minisitiri w'Intebé
w'u Rwanda. Ibyo byishimo byose na-
biterwaga no kubona abarundi ingo-
ma ya gitutsi ihirimye. Ni ukuvuga rro
ibyishimo bagaragaje iyo ngoma ira-
mutse igarutse ntiyatugwa neza. Naho
yamara igihe gito yasiga yetse u
Rwanda ko intama zambarwa. Niyo
mpamvu rero u Rwanda rugomba gu-
kora ibishoboka byose ngo ibijyana
n'ingoma ya gitutsi byose bihirimane
n'abayishyigikiye. Ubwo u Rwanda
rwagombye gukora ibishoboka byose
i Burundi hakahoneka ingabo z'aba-
hutu. Byaba ngombwa tukaba twazi-
tabazamumgihe 40 kujana by'inyenzi
zizaba zinjiwe mu ngabo z'u Rwanda
zizaba zigize akaraha kajyahe. Kuko
bishoboka ko inyenzi zizaba zije mu
myanya yoso y'ingabo z'u Rwanda zi-
shobora kongera gufatanya na Muse-
veni maze zitatugwa gitumo. Ibyo bi-
rashoboka. Utabibona ni uwarovze
niibzungerezi. Umuti u Burundi bura-
mutse bubonye ingabo z'abahutu
twakwizera ko ikibazo cy'inyenzi gise-
zerewe burundi. Ko naho zaturuka he-
twazikubita ya nshuro y'ingabo z'u
Rwanda. Nta butegetsi butagira inga-
bo. Kandi uri mu mahoro ategura i-
ntambara. Uri mu ntambara agategura
amahoro. Nguko uko i Burundi Palipe-
hutu ishobora gucyemura Ibibazu
bwavo ikoresheje kumena amaraso.

MEFZEF Hassan



JOURNAL D'ANGOLA
L'Amie de l'Angola
NOELLE MESSER - Directrice de Publication
et Rédactrice en Chef
NYASBYENDA Mme - Rédactrice en Chef
M. ALEXANDRE
NICKELIN Mme - Journaliste
AMARAL SAMU Mme - Journaliste
SANTOS DA VASCONCELOS Mme - Journaliste
SIMBIA Simone - Journaliste
MENDONÇA José - Journaliste
L. ALMEIDA - Administrateur des Finances

JANGURA (Kanjiro) mu BURGESS
BRIJMONT (Maurice) mba RYANAKA
NYUMA (Joseph) mu MUNIBA
SUGIURA (Takao) mu KAWASAKI
YAMADA (Tomonori) mu Saito
YAMADA (Yukio) mu TANAKA (Hiroshi)
YAMADA (Yukio) mu YOSHIDA (Kazuo)
YAMADA (Yukio) mu YOSHIDA (Takao)
YAMADA (Yukio) mu YOSHIDA (Takao)
YAMADA (Yukio) mu YOSHIDA (Takao)

Angga di Lantang
MUNAWARAH di LIMA KARIKIEWAN
Bengut mu Sugih
DUDUNG di LIMA KARIBINA SAMARINDA
Jambi
GUSANNA di LIMA KARIBINTANG JAMB
MANIKA MU DUDUNG
KIRUNDU di KWA YAK QUAN JONES
Bengut
MUNAWARAH di LIMA SABUNGUNGGAS
Frances Kwan TIAH TIAH
CANGGU di LIMA MANANGKO I MU
KARIBINA
RUMU di LIMA BURAGAMAT ARANG
Muhibah
RUTANA BURAGAMAT ARANG
PENGKE
MAMAKAMA di LIMA MATAKARINHIMYO
MANIKA MUDEBES
KARUSTI di LIMA KARUTWANAYO LA
KARIBINA
KARIBINA RA Helpdewa no MINT
ANGGALINGKA BENGUT KARIBINA SAMARINDA

PEREZIDA HABYARIMANA
ATEYE URUJJO.



Demokarasi RUKOKOMA, si inzibacyaho, si intambara....

Nigeze kunyura muri komini Kagano i Cyangugu mpura n'abana b'abanyeshuri bagenda baririmba ngo : «Turashaka Rukokoma, turashaka Rukokoma....». Nabajije umwe muri bo icyo Rukokoma isobanura arya indimi ati : «Rukokoma ni Rukokoma nyine, niko aba MDR babitwigishije». Abo ni abana ariko no mu bakuru abasobanukiwe n'iryo jambo ni mbarwa. Ubu ho noneho nawa muriro wa Rukokoma usa n'uwarzimye; Twagiramungu niwe wenyine ukwuhembera bikanga. Mu by'ukuri rero mu Rwanda ntacyo Rukokoma imaze uretse kuzikura impatagihe no kworora amatiku, inzangano n'amazimwe. Ese ubundi iyo Rukokoma yatangirira ku bihe bihe. Bya Habyarimana gusa ? bya Kayibanda se cyangwa bya Rwabugili, Gihanga na Kigwa ? Twavuga se ko ba banyapolitiki bishwe ku ngoma ya Habyarima-na baruta ubwinshi abatutsi n'abahutu bose bapfuye muri Repubu-likya mbere kubera ibibazo by'amoko na politiki ? Umugomekazi (bambe umugabekazi) Kanjogera na bene wabo babura se kuryozwa ibihanga by'abahutu batagira ingano ?

Iby'umutungo wa Leta wasahuwe, ntabwo ari bariya bakungahajwe n'ingoma zose, banyereje ibyo bashinzwe kurinda, bariye

Intambara igitangira ati tuzwana kugeza kuwanyuma. Ikomje yemeza ko abaguye ku rugamba tuzabahorera. Ikaze cyane ati abatutsi tutarebye neza badusubiza mu bwami. Yibwirira abanyarwanda ko nta gushyikirana n'inyenzi igihe cyose zizaba zikiri ku butaka bw'u Rwanda. Ntibiteye kabiri ya mishyikirano yangaga aba arayemeye. Yizeza CDR ko MRND ateguka itazaya muri Guverinoma CDR idafitemo umwanya. Ati ayo masezerano adaha amahirwe angana amahiriro yombi nta wayasinyira, ntihashize igihe, ati ndi Ikinani cyananiye abagome n'abagambanyi. Ubwo

aba ahunze MRND yashinze, abyoboke bayo basigara mu kangaratete. Mu Ruhengeri ati aya masezerano ni ibipapuro, sinyashyiraho umukono. Ageze i Kigali ati mbere yuko yemerwa azabanze anyuzwe muri referendum cyangwa mu nama y'abadepite. None yemeye kuyasinya no kuyashyigikira, n'ubwo ku mutima atayemera. None Habyarimana n'insuti ye Kanyarengwe bataniye guhirika Kayibanda bagirive inama na Lizinde bashyize umukono ku masezerano yo kwimura intambara ku mupaka ikaza imbere mu gihugu. Sibwo u Rwanda rubaye nka Somaliya !

ruswa zirenze ihaniro mu kazi bahemberwa, bari bakwiye kuroha abatazi ubwenge mu bisingizo bya Rukokoma kuko ari nabo yahitana bwa mbere. Burya n'umutego mubi ushobora kwica nyirawo.... Bamwe ngo urumogi, abandi ngo ingagi, ngo amadovize n'ibindi bifitirano bagereka kubo batavuga rumwe cyangwa ku mukuru w'ighugu n'umuryango we kandi ari nta gihamya na gito babifitiye. Ikinyoma na demokarasi ntibikora-na ! Dore nko muri Zayire bamaze igihe kirenga umwaka biyesura amanywa n'ijoro ngo bari muri «Conférence Nationale» none ibantu byarushijeho kuba umwaku. Rukokoma si demokarasi kuko ari nta ruhare rubanda ruyifitemo, sirwo ruyisaba kuko rutanayizi, sirwo ruyiyobora kandi ntibanda ku nyungu zarwo.

Imyanzuro iyifatiwemo ireba bene imitsima n'abafite irari ryo kuyibatsimburaho bonyine. Nk'ijo Tschisekedi na Birindwa babyigani-ra intebi mu makoraniro mpuzamahanga ntibatumwa umuturage yihitiramo umuhagararira.

Ibya guverinoma y'inzibacyaho byo ni amahano, ni kudeta nka Rukokoma cyangwa za zindi za gisirikare zisanzwe; nta hame rya politiki rihamye yishingikirizaho. Abaturage ntibatanze icyifuzo cyabo kuri iyo guverinoma, ntibagize

uruhare mu kuyishyiraho, ntibezwaho imikorere yayo. Inzibacyaho rero ntaho zitaniye n'ingoma z'igitugu zigomba gusezererwa, si demokarasi kuko zigamije kurengera i-nyungu z'udutsiko twazishyizemo, dutegeka twonyine. Nka hano mu Rwanda udutsiko twariremye duhuza umugambi wo gufata ubutegetsi dukoresheje ibishoboka byose : imvururu, amacakubiri, intambara n'ibindi bikorwa bigayitse nko gufatanya n'umwanzi wa twese kubera inyota yo gutegeka. Hari abafite ibyo bapfa ku giti cyabo na Habyarimana, hari n'abanyakarere ngo bashavujwe nuko abakiga, ariko cyane cyane abashiru n'igikomangoma cyabo, babacuze ku butegetsi maze izo nzigo zigakoresha abo bose ibidakwiranye n'imigirire y'umuntu wese ukunda igihugu cye. Iyo bageze rero muri guverinoma bihatira kwihiimura kubo batavuga rumwe cyangwa badahuje akarere babafunga, babirukana ku kazi ku maherere, bimbura imyanya bari-mo nta mpamu zirebana n'akazi. Bagera n'aho baniga itangazamaku-ru ritabashimisha, barasahura ku mugaragaro, batsimbarara kuri minisiteri izi n'izi nk'umurage wabo... Urundi rwego kaminuza rwo ni urw'abatutsi batigeze bemera na rimwe ko u Rwanda rutegekwa n'umuhutu. Icyakora bo nta kubatindaho kandi niko bigomba kugenda kuko bari mu kuri kwabo

kandi bafite intego ihamye y'igihe kirekire. Kuribo Perezida yaba Kanyarengwe, Habyarimana, Kayibanda (---), Nsengiyaremye cyangwa Gatabazi byose ni kimwe ni ukubarwanya kuko ari abahutu. Kumva radyo-kinyoma Muhabura ishyigikira MDR, PSD, PL si urundi rukundo ikunda ayo mashyaka ahubwo ni ukugira ngo nayo afashe abatutsi guhirika icyo bita ingoma mputu bashaka gusimbuza ingomantutsi n'ibibi byayo byose. Inkotanyi n'abatutsi bo bashaka inzibacyuho itagira iherezo kugira ngo ibantu bikomeze kudogera bahasarurire izindi ngufu n'indi mitungo kuko amatora yo batakoram. Ngo abo nibo batuzaniye demokarasi (y'imbunda) rat!

FPR-inkotanyi rero ngo yavumbuye undi mutwe wo kuzana demokarasi, guhindura u Rwanda igihugu kigendera ku mategeko no kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu ikoreshje intambara yamasasu, itikiza imbagya y'abahutu bo mu turere yigaruriye, ikura inzirakarengane mu byazo, itega za mine, itera za gerenade, yicisha imbunda n'amarozi nk'uko yabigenje kuri Gabyisi, Kalisa, Gacinya n'abandi basirikare n'abasiviri bakomeye yiranguje. Buri munyarwanda wese ushyira mu kuri no mu gaciro agomba kumenya ko intego ya FPR y'ibanze ari ugufata ubutegetsu ku ngufu no kugira umuhutu ingaruzwamuheto. Ibyo bindi ivuga ni ukuyobya amarari no gucurika amahanga. Ntiwashaka demokarasi maze ngo uze wica abaturage kandi aribo ubutegetsu bwose bwagombye gushingiraho. FPR yarimbaguye rero abo baturage karahava; ngaho muri Nkumba, Kidaho, Ceyru, Butaro, Kinigi, Nyarutovu, Ruhondo, Nyamugali, Kivuye, Mukarange, Muvumba, Kibali, Cyumba, Kiyombe, Cyungo, Kinyami, Buyoga, Bwisige, Gituza, Ngarama, Tumba n'ahandi hose yageraga, cyangwa yoherezagayo bya katiyusha. Nta demokarasi izanwa n'ubwoko nyamuke ari nabwo bugize umutwe w'innyenzi-inkotanyi n'ibyitsso byazo kuko mu matora amajwi yabwo aba agerwa ku mashyi. Ntiwavuga ngo urashaka kugendera ku mategeko maze ngo utange uru-


gero rubi rwo kutayakurikiza. Uretse ko zinabeshya ngo ubutegetsi bwazibujije guhunguka, impunzi ntizemerewe gusubira mu gihugu cyazo zirwana; ahubwo sinzi igituma HCR (umuryango mpuzamahanga ureba iby'impunzi) igifata inkotanyi nk'impunzi kandi zaraciye ku mategeko yose azigenga.

Amategeko y'intambara yo zayakubye na zero : zishe abaturage batazirwanyije, zakoresheje intwarzibujije, zaciye ku masezerano y'amahoro zishoza indi mirwano, zasenye ibikorwa by'amajyambere n'ibidukikije, zarasahuye, zigaruriye igice cy'ubutaka bw'igihugu ku ngufu n'ibindi n'ibindi. Ntiwakwihandagaza ngo urarengera uburenganzira bwa muntu maze ngo uze wica ibiremwa-muntu. Ingabo za FPR zakoze amarorerwa arenze kamere nko kwenda abagore n'abakobwa ku ngufu byarangira zikabaca emabere cyangwa zikabica, zicaga urw'agashinyaguro abo zifashe baba abasiviri cyangwa abasirikare, zasatuye inda z'abagore batwite, zahotoye impinja, zisogota abasaza n'abakecuru. Ubwo se warengera ute uburenganzira bw'abo warnaze gutsembarsemba cyangwa gukura mu byabo ? Hanyuma se 90% by'abanyarwanda bizakomeza koko kuba ibitambo by'imitwe y'inkoramaraso y'abatutsi, batagize icyo babaye ahubwo basumbakajwe muri byose n'ubutegetsu bwa Habyarimana na MRND ye, ngo iyo niyo demokarasi? Oya, demokarasi si intambara yamasasu !

Demokarasi ni amatora adafifitse, ufile ingufu z'ibitekerezo zikagaragazwa n'abaturage. Kugeza uyu munsi aho amatora yakoreshejwe neza ninaho ubutegetsu bwasimburanye nta mvururu, nta rukokoma, nta guverinoma z'inzibacyuho, nta ntambara. Ingero zirahari : Burundi, Mali, Zambiya, Magagascar n'ahandi. Hari n'aho umuperezida yongeraga gutorwa nko muri Kenya, Senegali, Kameruni, Côte d'Ivoire..... binyuze mu nzira ya demokarasi. Abo ninabo wavuga ko bafite ubutegetsu buhamye bw'abaturage, bwashyizweho, n'abaturage, bukorera abaturage. No mu bakoresheje amatora babanje Rukokoma na guverinoma y'inzibacyuho hari aho

byaba byarabaye mahire nko muri Benin na Kongo ariko ni hakeya cyane kandi byasizemo ibyo bihugu imvune y'umutungo wayoyokeye muri ayo makoraniro y'urudaca y'urudaca n'iy'igihe cy'imfabusa giherera muri ako kaduruvayo. Tumenye kandi ko n'inkovu z'ibisebe byatewe n'iyo rukokoma n'iyo nzibacyuho zisibangana bitinze iyo zitabayre umufunzo ! Nko mu Rwanda ubu abari guhohoterwa cyangwa kuvutswa inyungu bafiteho uburenganzira ntibazapfa kurenzaho ahuwo bazakora ibishoboka byose bihimure. Tugarutse ku bavandimwe bacu b'abarundi, abahutu nabo iyo babisaka baba arasabye rukokoma yo kubaza impamvu abatutsi bishirira ibyiza byose by'igihugu maze bakongeraho no kwica abahutu urobozo buri gihe. Abashaka ko ibantu bishinduka bari nabwo gushaka ko hajyaho guverinoma y'inzibacyuho mbere y'amatora. Abo bose barwanya ubutegetsu bumaze imyaka mirongo itatu buniga demokarasi, buhohotera ikiremwa-muhutu bari kandi bafite uburyo bwose bwo guteza imviruru no gushoza intambara yo kwibohoza narindi bo bizeraga inkunga ikomeye ya rubanda rwose bakaba bari gutsinda nta shiti. Ariko bashyize mu gaciro basanga ubutegetsu ubwaribwo bwose buzanywe n'imbunda no kumena amaraso cyangwa bukomotse ku makimbirane y'abanyagihugu ntaho buba bushingiye, ahubwo buba bwubatse ku musenyi musa. Babonaga kandi ko ubwo buryo bw'intambara busenya igihugu aho kucyubaka, bugisubiza inyuma aho kugitezza imbere mu majyambere no mu bitekerezo, bubangamira demokarasi nyayo. Nibwo rero bategereza ga amatora maze na perezida Buoya ntiyatenguhu ndetse yihutira kuyakoresha nubwo umugambi we wari uwo gufatirana amashyaka bahanganye atarashinga imizi mu gihugu cyose. Ariko abahutu bari barashavuye bihagije ku buryo n'umunota umwe wari uhagije wo kwiyamamaza kwa Ndadaye kugira ngo bamumenye kandi bazamuhundagazeho amajwi y'urufaya we n'ishyaka rye FRODEBU mu matora.

KA02 1853



*Nyuma y'imyaka 34 utugejeje kuri Revolisiyo yo muri 1959, u Rwanda ruritegura kunga amoko ku ngufu. Dukeneye
inama z'uko wabigenzaga.*